# Yehova Yire #3

Louisville, Mississippi, USA

04 Mata 1964

1 Twubike imitwe yacu umwanya muto wo gusenga.

Maze yita aho hantu Yehova-Yire; nkuko ubu hazwi nk'umusozi w'Uwiteka kugeza kuri uyu munsi.

Data wo mu ijuru, turanezerewe kuri uyu mugoroba kubwo kugira ayamahirwe yo guteranira hamwe mu Izina rya Yesu, kugira ngo tumuramye mu Mwuka wo kuzuka Kwe. Kandi turanezerewe kuri Wowe, kubyo Wamaze gukora kubwacu, kubwo kwigaragaza Ubwawe binyuze mu Ijambo hagati muri twe, kandi kubw'umuzuko. Kandi ibyiringiro byacu byubatse hejuru, Mwami, kubera ko tuzi ko... ko Imana dukorera atari imana zimwe z'amateka , ahubwo Imana iriho none, Iyo Imwe yazuye abapfuye, kandi ikaba yarahamije ko ari Imana yahoranye na Mose, ndetse n'Abraham, n'intumwa zose, kandi Ikaba Ikiri ya Mana Imwe. Noneho twe... Twiyunze kuri Eddie Perronet, nkuko yavuze ati, "Ibyiringiro byanjye nta kindi byubakiyeho uretse Amaraso ya Yesu no gukiranuka." Noneho, turagushimiye kubw'izi mbaraga zikomeye no guhumurizwa dufite.

Data, uyu mugoroba, niba hari umwe hano hagati muri twe, uyu mugoroba, udafite ibyo byiringiro bikomeye, reka iyi ibe ariyo saha ubwo uko Kuri gukomeye kw'Iteka guhishurwa kuri bo, Data, kugira ngo bamenye ko impamvu bari hano ku isi atari ukugira ngo bakore gusa. Kandi ko iyo ari imwe mu mpamvu, birumvikana. Ariko impamvu nyamukuru ni uguhinduka abakobwa n'abahungu b'Imana. kandi reka ibyo bisohozwe, muri uyu mugoroba. Biduhe, Mwami.

Duhe umugisha ubu mu gihe turi gusabana n'Ijambo Ryawe. Ijambo Ryawe ni Ukuri. Kandi reka Umwuka Wera ukomeye afate Ijambo ry'Imana maze aritugabanye nkuko turikeneye, kubera ko tubisabye mu Izina rya Yesu. Amena.

Mushobora kwicara.

2 Urakoze kubw'amahirwe yo kugaruka aha nanone kuri uyu mugoroba, no guhura n'aba bantu indi nshuro hamwe n'ubu Butumwa bwiza bw'ubwiza. Ibyo twarabitangaje, noneho, ejo mu gitondo mu ishuri ryo Kucyumweru, guhura no gufatanya kw'abapasteri hazaba ishuri ryo Kucyumweru rihuriweho aha nyine. Ndatekereza ko ibyo ari byiza cyane. Kandi benshi muri bo bakuye intebe mu nsengero zabo bazizana hano kubw'abantu babo, kandi n'igikorwa cyiza ku bantu gukora ikintu nk'icyo.

Turashimira Imana kubw'ikirere cyiza icyo Yaduhaye. Bari batangaje ko turibugire ibihe by'imiyaga n'ibindi, igihe cyose. Ariko yaturinze ibyo bicu, kandi ntabwo twigeze tugira ikibazo na gito. Turanezerewe kubw'ibyo.

Kandi noneho, uyu mugoroba wahariwe… Twagiye tugira amateraniro y'ibwirizabutumwa ahoraho. Kandi niba hari umushyitsi uri hagati muri twe… Ntabwo twigeze dutinda cyane kuri byo… nk'umunyabyaha uza kuri Kristo. Kandi nafashe umutwe w'ikibwiriza ku mugoroba wo Kuwakane ushize, kandi ntabwo nari nakabigeraho. Twarimo gusa tuvuga kuri Abraham, kandi ntabwo twigeze tugera ku mutwe w'ikibwiriza, Yehova-Yire. Noneho turimo turagerageza kurangiza ibyo uyu mugoroba. Kandi twizera ko Umwami ari bukize buri muntu udakijijwe, kandi akuzuza buri buri wese utuzuye Umwuka Wera, uyu mugoroba.

Noneho, mubitekerezeho neza mu gihe turi hano. Kandi mu gihe twe… mu gihe turimo kuvuga, mufungure imitima yanyu kugira Umwuka Wera ashobore kuvuga aho imbere muri mwe. Ni iki turimo gukora hano, uko biri kose? Murabona? Ibyo mubitekerezeho. Ni iki, ubuzima bwawe bwabaye iki? Ni iki gitumye uri hano? Ni Imana... Ese uri muri iyo mimerere aho Imana ishobora kubona ibyo... muri wowe buri kintu cyatumye igushyira hano? Aho muri wowe? Niba atari uko biri, noneho reka tubitunganye uyu mugoroba, nshuti. Ni...

Njye… Mfite inshuti zimwe ziri aha hose, ziturutse ku rusengero rwanjye. Bamwe muri bo… Bamwe mu bayobozi, ndabizi, kandi babiri cyangwa batatu muri bene Data. Nabashije kumenya umuryango mushya wicaye hano, uyu mugoroba, umuryango wa Palmer uturuka ahantu hano, bajya batwara imodoka ibirometero byinshi buri... buri Kucyumweru iyo ndibubwirize muri Indiana. Kandi Umugabo Mr. Welsh Evans n'umuryango we ari hano ahantu runaka. Ntabwo nzi aho ariho. Njye... Uyu munsi, narimo niga, mu buryo bufatika umunsi wose, kandi nashoboraga kumva amajwi yabo aho hanze . Kandi njye... namenye ko bari bari hafi aho.

3 Noneho, ejo, ejo saa munani. [umuntu aravuga ati, "saa munani"] Saa munani, ejo, gahunda y'amateraniro yose yahariwe abarwayi, kubwo gusengera abarwayi. Noneho, abantu benshi bakunda kubyita amateraniro yo gukiza indwara. Rero, ntabwo dukunda neza neza kubyita nka gutyo. Kubera ko, dukunda kubyita amateraniro yo kwizera. Noneho, niba kwizera kwacu gushobora gukora kuri icyo kintu, nyuma y'uko We agaragaye hagati muri twe, kandi akaba azi buri kintu kiri mu mitima yacu, kandi akaba yabiduhamirije, murabona, ko Ari muzima, kandi Akabihamiriza mu Byanditswe.

Mwabashije kubona uburyo Yashyigikiye buri Jambo, kubwo Kugaragara Kwe Kuzima? [Iteraniro riravuga riti, "Amena."] Murabona? Murabona? Noneho, ibyo byerekana ko udakwiriye gutekereza ko turimo kugerageza kuvuga ikintu gisa n'ibintu by'ibitekerezo by'ibihimbano. Ni icyo iyi Bibiliya yasezeranye, ibyo ni Ukuri. Murabona? Noneho buri Jambo ni ukuri.

Noneho, nshobora kutagira kwizera guhagije kugira ngo mbashe gutuma buri Jambo rikora, ariko sinzahagarara mu nzira y'umuntu ufite uko kwizera. Enoki yari afite kwizera guhagije, umunsi umwe, yafashe urugendo nyuma ya saa sita hamwe n'Imana, kandi akomeza kugenda, arazamuka ajya Murugo adapfuye. Noneho, ndatekereza ku Itorero ko rikwiriye kugera kuri ibyo, ku kwizera kw'Izamurwa. Nshobora kutagira uko kwizera ubu, ariko nzi neza ko ntazahagarara mu nzira y'umuntu ufite uko kwizera.

Noneho, twizera ko Imana izaduha kwizera gukomeye, kandi, ko ejo hazaba nta muntu urwaye uzaba asigaye muri iyi nyubako, igihe bazaza mo hano kugira ngo basengerwe. Ibyo turabyizeye. Kandi noneho nitubyizera! Noneho, nagiye mbibona inshuro nyinshi.

4 Nabonye aho abantu ibihumbi makumyabiri na bitanu, mubitekerezeho ubu, atari abantu maganabiri na mirongwitanu, ahubwo ibihumbi makumyabiri na bitanu bakize bigaragara kubw'isengesho rimwe; aho muri Durban, Afurika y'Epfo. Bapakiye, ntabwo nzi niba ari amakamyo manini angahe, abo mwe... Abiri muri yo yashoboraga kuzuza iki kintu cyose hano, mufate ibyajyamo aho, amakamyo manini y'Abongereza, ayo afite amapine atandatu kugera ku munani, nk'ibyo, ikamyo nyuma y'indi, zirimo zimanuka, hamwe n'imbago, utugare, cyangwa ibindi ntabwo nzi uko bita utwo tugare, ibyo bintu bito bateruraho abarwayi. Kandi babazana aho hepfo babakuye iyo mu mashyamba. Kandi intare yashoboraga kubirukaho, bakurira igiti nabo. Maze hanyuma bagakomeza kuza mu materaniro. Kandi noneho kubona ibyo... aho ku gicaniro, umuhungu muto.

Uwambere waje aho ku gicaniro yari… yari umugore. Kandi yari afite ibimenyetso by'abayisiramu, hamwe n'utudomo tw'umutuku hagati y'amaso ye. Maze mubaza niba avuga icyongereza. Maze aravuga ati, "Gake."

Maze ndavuga nti, "Mbonye ko uri Umusiramu, Umusiramu."

Aravuga ati, "Yego."

ndavuga nti, "kubera iki waje kuri njye, nk'Umukristo? Kubera iki utagiye ku batambyi banyu?"

Aravuga ati, "Nizera ko ushobora kumfasha."

Maze ndavuga nti, "Rero, ntabwo nashobora kugufasha keretse, wizeye Yesu Kristo."

Maze aravuga ati, "Rero, nabonye amateraniro."

Aho hari nk'iminsi itatu. Twari dufite hafi, hafi nk'ibihumbi maganabiri bicaye aho, aho hantu. Noneho bari bagiye bashyiramo ibibatandukanya, kubera ko hari intambara z'amoko, nabo.

maze ndavuga nti, "Rero, ubu, ugomba kwizera Yesu Kristo." Maze ndavuga nti, "Ese wigeze usoma… Isezerano Rishya?"

Aravuga ati, "Nararisomye."

Ndavuga nti, "Ni iki utekereza ku Butumwa ndimo nguha, kubwo kuba We ari uko yari ejo hashize, uyu munsi, n'iteka?"

Aravuga ati, "Ndabyizeye."

Maze ndavuga nti, "Noneho niba Umwami Yesu ari muzima uyu munsi, Yamaze kugukiza. Igihe cyose hari iyo mibabaro Ye, wamaze kurindwa. Ariko arashaka ko ugira kwizera. Kandi iyo Aba ari hano, Yajyaga kumenya aho wari uri. Yajyaga kumenya icyo wakoze. Yajyaga kumenya byose byerekeranye na we. Ibyo urabyizera?"

Aravuga ati, "Yego, mugabo."

Ndavuga nti, "Naramuka aguhishuriye ibyo, ese uramwizera, noneho, nk'Umwana w'Imana, kandi Uwo Wazutse mu bapfuye, kandi Akaba Ari hano iteka? Umwuka We uri muri njye, kandi hamwe n'aba Bakristo bose"

Aravuga ati, "Ndabyizeye."

Ndavuga nti, "Igitumye uri hano… Umugabo wawe ni mugufi, ubyibushye cyane. Afite ubwanwa bw'umukara. Ibyumweru bibiri bishize, wari kwa muganga. Hano hari izina ryawe." Ntabwo nashoboraga kuryandika, ntabwo nashoboraga kurivuga. Nagombye gusubiramo inyugu. Ryari izina rya Gisiramu.

Aravuga ati, "Ibyo ni ukuri."

Maze ndavuga nti, “ikindi, kandi umugabo wawe aragutegereje hariya mu kirongozi. Yari yambaye kostume igajutse n'ingofero y'ibihogo.” Ndavuga nti, “Dogiteri yari umugabo muremure, unanutse, wari wambaye ayo madarubindi akomeye akoze mu ihembe. Yagupimye uburwayi bw'abagore, kandi asanga ko ufite ikibyimba ku mura.”

Aravuga ati, “Ibyo ni ukuri.”

Ndavuga nti, “Wakiriye Yesu nk'Umukiza wawe?”

Aravuga ati, “Yesu Kristo ba Umukiza wanjye.”

Ukurikiyeho yari umuhungu muto ufite umurari.

5 Kandi barekaga abamisiyoneri, bakajya gushaka umwe cyangwa babiri muri buri bwoko. Ntabwo washoboraga kubahagarika, nta buryo bwari buhari habe na gato. Noneho, bari bafite amagana n'amagana y'abasirikare bagerageza kubafata, kandi ntabwo babishoboraga.

Maze noneho uwo muntu muto, umuntu ureba umurari, bamuzamura aho ku gicaniro, ahantu nko mu ntera ingana nka gutya.

Kandi aho hejuru ku gicaniro, hari izo ndabyo nini za Calla. Mwe bashiki bacu bari hano, mukunda indabyo, zimwe muri izo ndabyo za Calla zareshya na centimetero 46; z'umuhondo, n'umweru, nziza. Kandi bari bazifite. Ni izo bakura mu ishyamba. Hari buke [bouquet] iteguye aho.

Kandi narimo mvuga. Bazana uwo muhungu muto. Umumisiyoneri aramuzamura. Kandi uwo muntu muto yarebaga umurari. Yari yamaze kurya.

6 Rimwe na rimwe imirire yabo iba iteye ubwoba. Yari afite…bafata amahwa yo kuruhu rw'ikinyogote maze bakajomba umutsi w'inka, ibyo bikajya mu byo bita indobo. Ni umufuka muto, aba ari uruhu badoze, maze bakareka… amaraso, amaraso ashyushye, yirukiramo aho. Noneho bakavangamo amata make muri yo, bagacugusa cyane, maze hakavamo ibintu byo kunyunguta biryohereye.

Ese ntimwakwifuza kimwe muri byo, sibyo wowe, mukundwa? Oya.

Noneho ibyo, ariko, we, nicyo yari yariye. Kandi amaso ye yarebaga umurari. Ndavuga nti, “Noneho, umuntu uwo ari wese ushobora kureba, yamenya ikibazo uyu mwana afite. Amaso ye yaranyuranye. Iyo mba nshobora gufasha uwo mwana.” Ndavuga nti, “Nyakuri nari kubikora. Ariko njye... Ntabwo nashobora kumufasha, nta kindi ndengeje undi muntu wese.” Ndavuga nti, “Iyo dogiteri abishobora, rero, aramutse atabikoze, noneho haba hari ikintu gikabije mu mutima wa muganga kuri we, aramutse yashobora kumufasha” Ndavuga nti, “Ntimutekereze ko baba bafite uburyo babikora kuri iki gihe.”

Ndavuga nti, “Ariko, ubu, Umwami ashobora kumpishurira ibijyanye n'uyu mwana. Maze noneho, Aravuga uti, 'Umwana, ise na nyina n'abantu babiri bananutse.'” Ibyo byari… Yari umuzulu, kandi mu bisanzwe bakunda kuba babyibushye. Ndavuga nti, “Ni aba bicaye hariya aka kanya ubu. Amazina yabo ni runaka na runaka.” Maze ndavuga nti, noneho, “Umwana yavutse areba imirari. Kubera ko, nyina... Baturuka... Bizera Ubukristo, kubera ko imbere mu kazu kabo, ako karuri k'ibyatsi, harimo ifoto ya Kristo, imanitse aho ku ruhande rw'iburyo rw'igikuta.”

Maze ndavuga nti, “Kandi umwana, nyina akimara kwereka se umwana, yari afite amaso areba umurari.” Se na nyina barahaguruka, kugira ngo bahamye ko ibyo ari ukuri. Ndeba inyuma kuri uwo mwana muto, amaso ye yari yaringaniye kimwe n'ayanjye.

Nuko ndavuga nti, “Noneho, murabona, Umwami,” Ndavuga nti, “ntabwo nigeze ngera kuri metero eshatu hafi y'umwana, umwana yakize.”

Baramutambutsa. Maze mpamagara ukurikiyeho.

7 Kandi noneho igihe bibaye, numva abantu basa n'abaharira, Dogiteri Bosworth na Dogiteri Ern Baxter, abo bari bashinzwe ibikorwa byanjye, mu materaniro, barimo bajya impaka n'umuntu, maze njye… kubwo kuba hari urwo rusaku ruke. Uyu muhungu yarimo agerageza kurira ku gicaniro, cyangwa agerageza guhaguruka. Kandi aho hari abaganga benshi, abadogiteri b'abaganga bicaye aho. Nuko uyu mudogiteri w'umuganga, we... aravuga, yarimo avuga. Aravuga ati, “Ndashaka kuvugana nawe ibyerekeye uriya mwana.”

Ndahindukira, ndavuga nti, “Ikibazo ni ikihe, dogiteri?”

Aravuga ati, “Ni gute umenye ko ndi dogiteri?”

Maze ndavuga nti, “Uri dogiteri. Uri we… Wakuriye, mu Bwongereza. Uri umuganga w'Umwongereza.” Kandi mubwira aho yize.

Aravuga ati, “Noneho, Mugabo Branham, nshobora gusobanukirwa ko isomabitekerezo [mental telepathy] rishobora… rishobora gusoma ibitekerezo byanjye.”

Ndavuga nti, “Ntabwo ndimo gusoma ibitekerezo byawe, dogiteri.”

Maze aravuga nti, “Ariko icyo nshobora gusobanukirwa...” aravuga ati, “Nizera ko hariho Imana. Kandi nziko izi ndabyo zidashobora kubaho hariya hatariho Imana,” ati, “kubera ko zifite ubuzima muri zo.” Aravuga ati, “Ariko se Irafatika? Nahagaritse uyu mwana ku gicaniro ndamusuzuma. Amaso ye yarebaga umurari ari hariya. Kandi hano uyu mwana noneho afite amaso aringaniye. Ni iki cyabikoze, Mugabo Branham?”

Ndavuga nti, “Yesu Kristo.”

Maze aravuga, aravuga ati, “Rero, noneho reba,” aravuga ati, “Nizera mu Mana.” Aravuga ati, “Ariko ndashaka kukubaza ikibazo, nk'umubwiriza ubu. Ese waba wacuritse ibitekerezo[hyponotize] by'uriya mwana?”

Ndavuga nti, “Mugabo, noneho ushaka kuvuga ko… Ishyirahamwe ry'Abaganga ryo mu Bwongereza ryaguhaye uruhushya rwo kuvura, baba batazi byinshi kugucurika ubwenge bw'abantu [hyponotize] byaruta ibi? Niba gucurika ubwenge [hyponotisme] byabasha kuringaniza amaso y'uyu mwana, mwakwiye kuba aribyo murimo gukora.” Murabona?

Maze aravuga ati, “Rero, mbwira ni iki cyabikoze?”

Ndavuga nti, “Yesu Kristo.”

Aravuga ati, “Reba,” ati, “Ndizera. Navuze ko Imana iri muri ruriya rurabyo.”

8 Kandi Umugabo Bosworth aravuga ati, “Noneho mugiye gutangiza imyigaragambyo hano.” Kubera ko, bari bafite ivangura, nabo, aho, murabizi.

Maze nuko ndavuga nti, “Wagenda...” Noneho, intambara y'amoko, ndavuga nti, “ugiye guteza imyigaragambyo ubu. Ntukore ibyo.” Ndavuga nti, “Wafashe umwanya munini kuri uyu mwana.”

Maze ndavuga nti, “Hano hari icyo ukwiriye gukora. Umwana nguriya aho ahagaze. Wamushyize ku gicaniro. Ni ukwizera ku giti cye, no kwizera kwa mama we, kubwo kubimubwira, byakijije umwana. Ni amaso ye yarebaga umurari aho, ntabwo yigeze ankoraho, cyangwa ngo agere hafi yanjye, cyangwa ikindi kintu. Nta nubwo nari narigeze mbona cyangwa ngo nitegereze uwo mwana, narebye inyuma mu materaniro, mbona iyerekwa, mvuga ibyo aribyo, maze ndeba inyuma, amaso y'umwana yari yagiye ku murongo.”

Noneho yazamutse kuri irya ndangururamajwi nini iteranije. Aravuga ati, “Nemeye Yesu Kristo nk'Umukiza wanjye.” Murabona?

Igihe navaga Durban, asimbuka urugo, aho benshi, abagera nko ku bihumbi icumi, makumyabiri by'abantu bari hanze aho, aravuga ati, “Urabeho.” Kandi narimo mva… Atari Durban. Mumbabarire. Ahubwo Johannesburg. Maze arasimbuka, maze arampobera, gutya, maze arambwira ngo yaretse ibyo yakoraga mu mugi, kandi yagiye mu murimo wo kubwiriza abantu, nk'umumisiyoneri w'umuganga ku bantu. Kandi mu gihe yarimo avugana nanjye, atangira kuvuga mu zindi ndimi, ubwo yarimo avugana nanjye. Ibyo ni ukuri, umudogiteri w'umuganga, w'umwangilikani, Umwangirikani.

9 Ukurikiyeho aho hepfo yari umuhungu muto, cyangwa umugabo ukiri muto. We…. Ntabwo nabona umwanya wo kubinyuramo. Yari… Yarameze gutyo, we… Yagenderaga ku biganza bye n'ibirenge, nka gutyo. Hari umunyururu wari ku muhogo we, kimwe n'imbwa.

Maze ndavuga nti, “O mbega, wowe, uwo muntu w'umukene. Iyo umuntu uwo ari wese ashobora kumufasha, kandi ntabikore, yari kuba ari umuntu w'umugome bikabije.” Ndavuga nti, “Birumvikana, noneho, ntabwo nshobora kumukiza indwara, uwo ari wese ibyo arabizi. Ntabwo nshobora kumukiza. Nshobora kuvuga gusa niba Uwiteka aribunyereke icyabaye, cyangwa icyabiteye, cyangwa ikindi kintu. Kubera ko gukira kwamaze kwishyurwa.”

Ndashaka abantu hano, barwaye, ko bamenya ibyo. Gukira kwamaze kwishyurwa. Wamaze gukira. Ni ukubura kwizera. Ibintu byose birashoboka kuri abo bashobora kwizera. Ufite kubyizera nonaha.

Maze ubwo noneho tumenya ko uyu mugabo muto… uyu muntu hano, njye… ndavuga nti, “Mumuzamure hejuru hano.”

Kandi bamukururaga n'umunyururu. Maze atekereza ko, noneho, kubera ko rimwena rimwe ubwoko bwajyaga bushaka kugira ibintu by'imbyino n'ubufindo bakorera abakerarugendo. Maze bakababyinira gato, murabizi, ubwoko buto aho bukabyina, kugira babone ibiceri bitanzwe n'abakerarugendo. Kandi yatekereje ko nashakaga ko ambyinira. Uwo muhungu nta nubwo yari yuzuye mu mutwe. Kandi, yego,

ntabwo narinkwiye kubivuga muri iri teraniro rivanze, kubera ko ntabwo bambaraga imyenda, murabizi. Abagore babo, abagabo, ndetse bose, bose babaga bambaye ubusa. Noneho bo... ahari nk'imbaraga zabo, cyangwa ikindi. Ariko yagendeshaga ibiganza n'ibirenge, kandi byari biteye ubwoba. Nuko hanyuma njye... Bari bamufashe mu munyururu, nka gutyo, maze baramuzamura; yarawufite uzengurutse umuhogo we, ariwo bamuyoboreshaga. Kandi yarimo agerageza, akavuga "A-baba-ba" Nagerageje gutuma asobanukirwa ko atari icyo nashakaga. Njye...

"Uwo musobanuzi w'umuzulu," Ndavuga nti, "Noneho mubwire amagambo. Mubwire atuze kandi yizere gusa."

Maze areba hejuru kuri njye nka gutya. Maze… Maze ndavuga nti, "Noneho, uyu muhungu ni… Yabaye gutya guhera akiri muto cyane." Ndavuga nti, "Icyo aricyo nyakuri… icyo atekereza ubu, ni umuvandimwe we. Umuvandimwe we yarimo agendera ku mbwa y'umuhondo, cyangwa ihene. Imutura hasi." Maze ndavuga nti, "Araremara ubwe. Agendera ku mbago ebyiri." Maze ndavuga nti, "Noneho, ndabona uyu muhungu muto ko akize uburwayi. We, yajugunye imbago ze."

10 Nko muri icyo gihe, byasabaga iminota makumyabiri kugira ngo mbaturishe. Uwo muhungu yari ahagaze nko kurenga ku makaritsiye atatu y'umugi aho hanze, hepfo muri ubwo buryo. Aza hano, hamwe n'imbago azifashe mu biganza bye, arimo yiruka uko ashoboye. Yari yakize, aho hagana hepfo, igihe uwo musobanuzi w'umuzulu. Mu basobanuzi barenze cumi na batanu bari bahagaze aho. Kugira ngo uvuge ijambo, wagombaga gutegereza kugeza abo basobanuzi bose barangije. Aza hano, hamwe n'izo mbago aho kumutwe we, nka gutya. Yari yakize.

Kandi… Maze noneho njye… Ndeba aho. Noneho mbona ko, indi nshuro, ndimo mureba, mubona ahaguruka. Iryo ryari iyerekwa. Nta kintu cyari gihari cyashoboraga guhagarika ibyo. Oya. Byari byamaze kurangira noneho, murabona; noneho dutegereje ijambo.

Noneho, murebe. Kuri uyu Wambere uje nzaba ngize imyaka mirongwitanu n'itanu. Ni isabukuru y'amavuko yanjye. Kandi nagize amayerekwa kuva nkiri umuhungu muto. Ntabwo nigeze mbona na rimwe rinanirwa. Kandi ndasaba uwo ari wese niba barigeze babona rimwe, ryaba ryaravuzwe, rikigera rinanirwa. Ntirishobora kunanirwa. Ni Imana.

Nuko, noneho narabibonye. Maze ndatekereza nti, "Hano ni amahirwe yanjye noneho yo gutuma… yo guhamagara abantu kuza kwihana. Kandi namubonye ahaguruka. Menya ko noneho agiye gukira uburwayi noneho, kubera ko, murabona, byari byamaze kwerekanwa. Bigomba kuba muri ubwo buryo. Ni icyo iyerekwa rivuze. Icyo ni ukuri neza neza."

11 Ni bangahe baziko ibyo bintu ari ukuri? Ibyo, kugira ngo abashya babibone. [Iteraniro riravuga riti, "Amena."—Ed.]Ni ukuri. Nta na rimwe, ntihigeza haba na rimwe gutsindwa. Imana igihe cyose yagiye ibigira ukuri.

Ndatekereza nti, "Hano ni umwanya wanjye wo guhamagara abihana." Ndavuga nti, "Noneho, uyu muhungu hano, ntabwo nshobora kumukiza. Ariko niba imbaraga z'Imana zanyeretse iyerekwa, noneho akaba agiye gukira ubu. Noneho, naramuka adakize, noneho ndaba ndi umuhanuzi w'ibinyoma. Ariko naramuka akize, nibangahe aho hanze baribwakire Kristo nk'Umukiza wabo?" Aho hari, ndakeka nk'abasiramu ibihumbi icumi aho.

Nari navuganye, iminsi mike mbere y'ibyo, n'umuntu w'umunyabwenge. Ndavuga nti, "Izo tsinzi zihiriwe!" murazi, zaturutse ku Bamedi n'Abaperesi ba kera. Ntabwo zijya zihinduka cyangwa ngo zite agaciro. Ntabwo wahinduramo n'imwe muri zo basore.

Noneho, aho bari bahari, bicaye aho. Umwe mu bagore b'Abasiramu yari yemeye Kristo, kandi ibyo biramukongeza. Kandi umuhungu wa Mahatma Gandhi yari aho.

Nuko, aho yari… hari hari uwo muhungu. Maze nuko ndavuga nti, "Hagarara ku birenge byawe. Yesu Kristo aragukijije." Rero, akomeza kugerageza kugenda, "Ug-Ug-ug," nka gutyo. Ndatambuka aho maze mfata uwo munyururu mu biganza byanjye. Ndavuga nti, "Haguruka. Yesu Kristo aragukijije."

Noneho, hano hari Bibiliya. Kandi niba mwese muzi ibyabaye mu majoro make ashize, ntabwo natinyuka kuvuga ikintu kitaricyo, muri ibi.

Aho, uwo muhungu yari arembejwe nka gutyo, aratambuka, umugongo we wari warahetamye, umeze nk'umugongo w'ifarashi. Ibiganza bye n'ibirenge; ibiganza bye byari bifite amabavu nk'ibirenge bye, kubera kugenda. Ku nshuro yambere mu buzima bwe, yahagaze ku birenge bye. Amarira atemba agwa ku nda ye yirabura, nka gutyo, arimo atemba aho, nka gutyo. Atari ukuba gusa yarakize, ahubwo yahise agira n'ubwenge bwe bwuzuye. Murabona?

Ndavuga nti, "Noneho kuri mwe mwese bari bwizere, reka mwizera mu gihe ndimo nsenga. Ndashaka kumenya nibangahe bari hano." Ndavuga nti, "Bakwemera Kristo nk'Umukiza?" Kandi byasaga nk'inyanja.

Kandi babaze abagera ku bihumbi mirongwitatu babaturage bifubitse ibiringiti, abo ntabwo bari bazi gutandukanya inryo n'imoso, baza kuri Kristo.

12 Ndibuka ndimo mvugira kuri Kiwanis, ntabwo hashize igihe. Kandi noneho ndibuka umuntu wansengeye mu itorero rya Missionary Baptist, ibyo igihe cyose birantangaza. Naravuze nti, "Icyo mwe… Icyo mwita gukundirira, murabona, cyazanye abantu benshi kuri Kristo mu isaha imwe, noneho ibihumbi icumi by'amadorari byo itorero ry'Ababatista ritanga mu murimo w'ubumisiyoneri hariya hakurya."

Ni iki byabyaye? Aho hakurya, byaba byarazanye Ubukristo, nk'ibi, kandi bari bapakiye ibigirwamana mu biganza byabo. "Niba Amoyah..." Amoyah bisobanuye "Imbaraga zitagaragara," kimwe n'umuyaga. "Niba zananirwa, Izi zo hoya." Izo nizo mbaraga zabo. Kandi aho nahabonye ibihumbi mirongwitatu by'abaturage bambaye ibiringiti baha ubuzima bwabo Kristo.

Maze basubira mu moko aho hanze, bajya kuzana inshuti zabo kuri Kristo. Kandi nasenze isengesho rimwe kuri iryo tsinda ryose. Kandi nko mugihe cy'amasaha ane guhera ubwo, Sidney Smith, Meya wa Durban, Sidney Smith, Meya wa Durban, muri Afurika y'Epfo, yampamagaye kuri telefone. Kuki, hari umugore wari wapfuye, ijoro rimwe mbere y'ibyo, maze arampamagara kugira ngo musengere. Kandi yari arari mu materaniro, ari muzima. Kandi bityo, noneho, uwo yari ufitanye isano na Sidney Smith, kandi yari yuzuye umunezero cyane.

Kandi noneho igihe ibi, aravuga ati, "Jya ku idirishya maze urebe, barimo kumanuka umuhanda." Kandi aho harimo haza izo kamyo nini, zuzuye rwose. Kandi abo baturage kavukire abo bari baryamye muri izo ngobyi n'utwo dutanda, icyo gitondo, barimo bazigenda inyuma, hamwe n'ibiganza byabo bizamuye hejuru, barimo barira, baririmba mu ndimi kavukire, "Izere gusa. Ibintu byose birashoboka." Kandi ntihongeye kubaho intambara hagati yabo ukundi, gusa hari igikundi inyuma y'ikindi gikundi barimo bamanuka aho. Amakamyo yarimo agenda nka gutyo, kandi police yari ibaherekeje, ndetse izo rickshaw zarimo zigendagenda aho hose, nka gutyo. Izere gusa.

13 Noneho, niba abaturage kavukire bifubitse ibiringiti abo batazi gutandukanya inryo n'imoso bashobora kwizera ibyo, bimeze gute kuri twe? Muzi impamvu? Ntaho bigeze basubirishwamo ubwoko ubwaribwo bwose bw'imyigishirize. Murabona?

Twagiye tugira buri muntu. Dogiteri runaka yaravuze ati, "Ni ibintu byo gukundirira." Undi wundi aravuga ati, "Ni ibintu byo gusoma ibitekerezo [telepathy]." Uyu aravuga ati, "Nta kintu kirimo." Uriya aravuga ati, "ni satani." Ntabwo muzi ni iki cyo kwizera. Iyo niyo mpamvu bigoye. Ahantu bigoye kuba wagira amateraniro yo gukira indwara ni muri U.S.A. Ibyo ni ukuri.

Hariya, aho hakurya, nta kintu babiziho. Ntacyo bigeze babyumvaho. Wabibabwira. Bameze nk'abana. Barabyemera kandi bakabyizera, barangiza bakagenda.

Umwami adufashe ubu. Noneho, akandi kanya ko gusenga. Ntabwo dushobora gusenga cyane, icyo ni ikintu kimwe. Bibiliya iravuga iti, "Nshaka ko abagabo basenga ahantu hose bazamuye ibiganza byera."

Twakire, Mwami, mu busabane Bwawe hano nkuko tukwiyeguriye ubwacu… ubusabane ku Ijambo ryawe, kubera ko Uri Ijambo. Tubisabye mu Izina rya Yesu, uvugane n'imitima. Amena

14 Twasize Abraham mu ijoro ryahise… Twatangiranye na we n'aho hakurya mu bice 22 by'Itangiriro aho yarimo atamba umwana we w'ikinege, igishushanyo cy'Imana irimo gutanga Umwana Wayo. Twongeye gusubira inyuma noneho, dusubiye inyuma kongera kumuhagurutsa nanone, umugore we, kandi ntabwo twari twajya kure yabo. Twamuvuyeho ijoro nimugoroba nko mu bice 16 cyangwa 17. Ndibwira ko twamusize mu bice 15 aho niho twamusize. Tugiye kugerageza kubirangiza uyu mugoroba, kubera mfite ubutumwa kubwo gukira kwa Kimana, Umwami nabishaka, ejo nyuma ya saa sita. Kandi noneho, buri mupasteri araritswe. Uzane iteraniro ryawe, muze hano maze mube hamwe natwe kubw'amasengesho

15 Noneho, tubona ko rimwe na rimwe Yesu akora ibintu… Kandi Akora ibintu rimwe na rimwe… Muravuga muti, "Kubera iki noneho yemerera ibi bintu, Mwene Data Branham? Kubera iki yakwemera ko ibintu nk'ibi bibaho?" Rimwe na rimwe bibaho kugira ngo bigerageze kwizera kwanyu, ibihe byinshi. Twe, kandi... Akora ibintu mu buryo budasanzwe. Kubera iki Adashobora gusohoka maze ngo avuge ati, "Ndi ibi, kandi ndi biriya?" Ntabwo yigeze abikora ku mwanya wa mbere. Murabona? Abikora kugira ngo Agerageze kwizera kwanyu.

Murebe, Abatambyi batekereje ko ahari Yari kumana maze akabwira Kayafa, umutambyi mukuru. Ariko mbega ukuntu Yavutse? Mu kavure, kandi yanzwe kuburyo bwuzuye n'abantu Be ndetse n'idini yabo muri iyo minsi.

16 Noneho, tubona ko igihe kimwe Yesu yarimo avuga, nka gutya… Mwitegereze imvugo imwe nshaka kuvuga. Yesu yari afite igihiriri kini kimuzengurutse, kandi bisa nkaho hari benshi. Noneho mwitegereze icyo yavuze ati, "Keretse muriya umubiri w'Umwana w'umuntu kandi mukanywa Amaraso Ye, nta bugingo mufite."

Noneho, ni iki mutekereza bari ya baganga, cyangwa undi muntu wese w'umuhanga, yajyaga gutekereza igihe yumvise umuntu ufite izina ryo kuba ari ikinyendaro, kandi ameze nkaho ari umuntu watawe mu bantu muri kiriya gihe, ahagarara maze avuga iriya mvugo nk'iyo? "Keretse muriye umubiri Wanjyee kandi mukanywa Amaraso Yanjye..." Rero, bashoboraga kuvuga bati, "Uriya muntu ni ikiryabantu [vampire]. Rero, mbega, kunywa amaraso y'umuntu kandi ukarya umubiri we? Mwe teraniro, muve inyuma y'umuntu nk'uriya w'umusazi." Ntabwo yigeze abisobanura. Ntabwo yigeze abisobanura. Ntabwo byari ngombwa ko abisobanura. Uko ni ukuri. Yashakaga kureba ubwoko bwo kwizera bafite. Murabona?

17 Mwe, niba mwizeye, mwizere, ntabwo nitaye kucyo undi muntu ashobora kuvuga. Ndamutse nsengeye abantu ibihumbi bitanu uyu mugoroba kandi abo bantu ibihumbi bitanu bose bagapfa uyu mugoroba, mu gitondo nabwo nzabyuka nsengere abarwayi. Murabona? Ni icyo Imana yavuze nicyo kibarwa. Ntabwo ari icyo abantu bakoze. Murabona? Kandi Imana, Yo... Iravuga iti, "Keretse muriye umubiri w'Umwana w'umuntu kandi mukanywa Amaraso Ye, nta bugingo mufite muri mwe."

Mbega, abo bantu… iryo tsinda ry'abanyabwenge, rero… rero, baravuze bati, "Muhunge uriya muntu. Ni umusazi. Ni inyamaswa. Rero, ni umuntu urya abandi urya imibiri y'abantu." Noneho, ntabwo yigeze abisobanura.

18 Noneho, Yari afite ababwiriza mirongwirindwi yasize hamwe na We. Yatekereje ko yari afite igihiriri cy'abantu gito hano, noneho icyo gihiriri cyose kimuvaho. Nuko Yari afite ababwiriza basizwe bicaye aho; Yashoboraga kubohereza, mirongwirindwi muri bo. Aravuga ati, "Ese muzavuga iki nimubona Umwana w'Umuntu azamuka ajya mu ijuru, aho Yaturutse?" Noneho, ntabwo yigeze abisobanura na gato.

Abo babwiriza baravuga bati, "Uyu muntu ugiye kuzamuka mu ijuru ni he Aturutse? Rero, turamuzi. Tuzi mama we. Twari turi ku kararo aho yavukiye, Twabonye uburiri yaryamagamo. Twarobye hamwe na we. Twaryamanye nawe hano ku nkombe. None uyu ni 'Umwana w'umuntu uzazamuka aho yaturutse' Yaturutse i Betelehemu. Ibyo byo kuzamuka biturutse he? Ibyo birakabije kuri twe." Maze bahera ubwo baramusiga.

Ntabwo yigeze abisobanura. Ntabwo yigeze… Nta kintu yigeze agerageza gusobanura. Yari Imana. Yarabikoraga, kubera ko Yabisezeranye. Ntabwo yigeze abisobanura.

Nonese ho Abe… Cumi na babiri gusa niba basigaye. Arabahindukirira maze arabareba, aravuga ati, "Natoranije cumi na babiri, kandi umwe muri mwe ni dayimoni." Aravuga ati, "Ese namwe murashaka kugenda?"

Noneho Petero avuga ayo magambo akomeye ati, "Ese twajya kuri nde wundi, Mwami, ko tuzi neza ko ari Wowe ufite Amagambo y'Ubugingo." Bari babibonye mu buryo bugaragara bihamirijwe. Icyo abatambyi bari kuvuga cyose, icyo undi wese yashoboraga kuvuga, bari bamenye neza hari ko ibyo... Afite Ijambo ry'Ubugingo. Aravuga ati, "Ufite Ijambo ry'Ubugingo."

19 Kandi noneho, tubona ko icyo abandi bose bakora, uburyo bagenze, abo bigishwa bari barateganijwe mbere. Bari barateganirijwe Ubugingo Buhoraho. Oya… Ntabwo bashoboraga kubisobanura. Ntabwo bashoboraga kubisobanura kimwe n'uko abandi basigaye bose batari babishoboye, ariko hari ikintu muri bo. Icyo... ikiguhagarariye mu ijuru, igitekerezo Imana yari ifite kuri bo mbere y'uko imfatiro z'isi zigaragaza ubwazo hano. Kandi bari bomatanye n'Imana, kandi bari bahamirijwe neza ko ryari isezerano ry'Imana rihamirijwe. Kandi nta kintu cyari kigiye guhinduka kuri bo. Abo bari ab'ukuri, kandi ari Abakristo b'umwimerere.

20 Uyu munsi abantu bari mu bintu bimeze nk'uko gahunda yari imeze mu minsi abigishwa bari aho hanze ku nyanja. Kandi ijoro rimwe haza ishuheri. Kandi nta kintu cyari gihari… Ibyiringiro byose byari byagiye ko bashobora kuba bakira. Maze baramubona arimo Aza agendera ku mazi. Noneho, ubwato bwabo bwari bwuzuye amazi, kandi ibitambaro biyobora ubwato byari byacitse, ndetse ingashya zagiye. Kandi bari bafatanye umwe ku wundi, basakuza. Maze barebye hariya maze baramubona Aza agendera ku mazi, nuko baterwa ubwoba na We, We byiringiro byabo gusa. Kandi bari bafite ubwoba bw'ikintu cyonyinye cyagombye kubakiza. Niba ibyo ataribyo foto y'uyu munsi indi nshuro. Baterekereje ko asa n'umuzimu. Murazi, Aravuga... Barasakuza kubera ubwoba wari umwuka. Wasaga nawo... nkaho ari umwuka.

Icyo nicyo kintu kimwe biricyo uyu munsi. Ariko niba ushobora gukora nkuko bakoze… Igihe basakuzaga, bumvise iryo jwi riza, "Ntutinye, ni Njye. Ntugire ubwoba. Mugire umwete." Kandi niba mushobora kureba Ijambo ry'Isezerano ry'iki gihe, uzumva iryo jwi rimwe rivugira mu Ijambo. "Ni Njye. Nasezeranye gukora ibi muri iyi minsi yanyuma. Ntutinye. Ntugire ubwoba. Ushyire ibyiringiro byawe muri Njye, Umwana w'Imana (Uwo ari We). Ubyizere nonaha."

21 Twasize Abraham mu Bwiza bwa Elohimu umugoroba wahise, aho twamumanuye aho hepfo binyuze mu isezerano. Kandi noneho, isezerano rya nyuma mbere y'uko umwana aza, tubona ko Umuntu yaje, yambaye nk'umuntu, akarya nk'umuntu, akavuga nk'umuntu; kandi Abaraham aramureba maze avuga na We nka Elohimu; Elohimu. Babiri bari bamanutse hepfo i Sodomu kujya kubwiriza aho hepfo, kandi ibyo

turabigereranya n'uko byifashe uyu munsi. Mwese muribuka ya nkuru, aho twabigarukirije. Neza neza icyo kintu kimwe, Nkuko Yesu yabivuze mbere ko bizaba bimeze nko mu minsi ya Sodomu, icyo kintu kimwe kiri muri iyo mimerere imwe uyu mugoroba. Kandi twe...

22 Uyu munsi nari nicaye hariya, kandi narimo nibaza, kandi nibajije byose kuri ibi. Bumvise undi mutingito ubaho hariya hepfo, maze baravuga… Unyeganyeza ibihugu indi nshuro… Maze ndatekereza nti, "Ese ibi ni ibiki? Murazi, byabay eKuwagatanu mutagatifu. Murabizi, imyaka igihumbi maganacyenda ishize, itorero ryanze Yesu Kristo, kandi umutingito wanyeganyeje isi yose. Kandi baramwanze indi nshuro mu gisekuru cya Lawodokiya nkuko Bibiliya yabivuze ko ari uko bazabikora; bazaba bamushyize Hanze."

Iyi nkubiri ya Ecuminisime y'Inama y'Amatorero nicyo neza neza bazakora. Bari baragerageza kwishyiriraho ibyo babonye mumibwiririze yabo n'ibindi. Ni gute babiri bagendana batasezeranye? Rero, ntabwo mushobora kubikor. Ibyo ntibishobora gukora ku Mukristo w'umwimerere. Ntabwo bazabyakira. Oya, mugabo. Umukristo wavutse bwa kabiri ntabwo azagwa muri uwo mutego nk'uwo. Ni kimwe no gushyira igishuhe mu kazitiro. Bizi neza ko biba bigiye ku ibagiro. Ntabwo uzigera umujyana muri byo. Uko niko Umukristo w'ukuri wavutse bwa kabiri azaguma kure y'ibyo.

23 Noneho, Abraham yari ahagaze aho kandi arimo avugana n'uwo Mugabo wari uteye umugongo ihema aho Sara yari ari. Kandi Abram… Izina rya Abraham umunsi umwe cyangwa ibiri mbere y'ibyo ryari Abraham na Sarayi, kandi noneho yari Sara kuri Abraham. Maze Avugana na Abraham mu izina rye ry'ababyeyi n'ubutambyi ati, "Abraham, umugore wawe Sara(igikomangoma), umugore wawe?"

Aravuga ati, "Ari mu ihema inyuma Yawe."

Aravuga ati, "Ngiye kuzagusura bikurukije isezerano, mu gihe cy'ubuzima." Muyandi magambo, ukundi kwezi. "Kandi ngiye kuzagusura nkuko nagusezeranije." Maze imyaka makumyabiri n'itanu ubu kubw'umwana w'isezerano, ntabwo nigeze nyeganyega kubwo kutizera ku Ijambo ry'Imana, ariko yari akomeye, ahimbaza Imana. Mwitegereze ibi noneho.

24 Kandi noneho Sara, aho imbere mu ihema… Turamutse tubivuze mu mvugo yo mu muhanda, yasekeye mu biganza bye. Aravuga ati, "Njyewe, umugore ushaje imyaka mirongocyenda maze nkongera… nkagira ibyishimo hamwe n'umutware wanjye, umugabo wanjye?" We hari hanze afite imyaka ijana, twarekeye aho kubaho nk'umugore n'umugabo, imyaka myinshi ishize.

Kandi… Noneho Umugabo yari aho umugongo awuteye ihema, aravuga ati, "Kubera iki Sara agize ikibazo, akavuga mu mutima we ibi bintu?" Murabona? Kandi ni muri ubwo buryo Abraham yamenye uwo yarimo avugana na We, neza neza. Ikimenyetso cye cyahamije ibyo Yemezaga.

Aravuga ati, "Nzagusura." Kubera ki Yavuze ati, "Njye"? Ni gute yashoboraga kumwita Abraham, mu gihe ari We wamuhaye iryo zina mu bimenyetso, atari aho imbere y'umuntu, yerekana neza neza icyagombaga kubaho, yamuhaye ubwo bubasha buhamirijwe, ko… ijambo ryasezeranwe, ko uyu Mugabo warimo avugana na we yari Imana, Elohimu

25 Noneho, tubona ko mu Baheburayo igice cya 4 n'umurongo wa 12 (Nkuko nabivuzeho inshuro ebyiri mu migoroba ibiri ihise), ko Bibiliya yavuze ko Ijambo ry'Imana rirondora ibitekerezo biri mu mutima, amabanga y'umutima. Kandi igihe Yesu yashoboraga kureba mu iteraniro maze akarondora ibitekerezo byabo, kandi abwira umugore umubare w'abagabo yigeze, abwira Natanayeri aho yari ari, ibyo byari ibihamye ko We yari Mesiya, Imana Imanweli, kubera ko Yari Ijambo.

Uko niko abahanuzi bari bameze. Abahanuzi bafatwaga nk'imana. Ibyo murabisobanukiwe. Yesu yavuze gutyo We Ubwe. Aravuga ati, "Ni gute mushobora kucira urubanza mu gihe mwita abo Ijambo ry'Imana ryajeho, mubita Imana. Kandi ni gute mushobora kuncira urubanza Njye igihe mvuze ko ndi Umwana w'Imana? Kandi niba ntakora imirimo ya Data, noneho ntimunyizere." Yari Ijambo ry'Imana rihamirijwe ry'icyo gisekuru.

26 Noneho, Iyo ajya kuza n'ikimenyetso cya Mose, ntabwo cyajyaga gukora. Iyo Mose ajya kuza n'ikimenyetso cya Nowa, ntabwo cyari cyarasezeranijwe kuri icyo gihe. Kandi aba bihaye Imana, n'abanyatewolojiya, n'amashuri yisumbuye, n'ababwiriza bize, ibyo ni byiza. Ntacyo tubirwanyaho. Ariko ubwo ntabwo ari ubutumwa bw'iki gihe. Ibyo byari iby'igihe cy'umwijima. Hazababaho Umucyo mu gihe cya nimugoroba. Yasezeranye ibi bintu. Nagiye mbisoma mbisubiramo kenshi hariya mu Ijambo. "Neza neza bwari ubwo," Aravuga ati, "Bizongera kubaho nanone." Byagombye guhura neza na buri Cyanditswe kiri muri Bibiliya, kandi bikabereka ko ibyo ari ukuri.

27 Noneho, Ibyo Yahamyaga hariya byahamirijwe igihe Yavugaga uwo Sara ari we… n'icyo yakoze inyuma Ye. Noneho, mwitegereze, Yasezeranye ko ukwezi gutaha azasama. "Ukurikije igihe cy'ubuzima," Aravuga. Noneho, mwitegereze, inzira z'Abraham rwari ubwoko bw'imbuto ya cyami noneho. Ese mwabashije kubona ko Abraham, isezerano ryari irye n'abana be nyuma ye. Kandi noneho abana be bari, icya mbere, imbuto isanzwe, kandi noneho Imbuto ya cyami, ariyo yari Kristo. Imbuto ya mbere, ariyo yaje binyuze mu guhuza ibitsina, haza Isaka. Ariko bitanyuze mu guhuza ibitsina haza Yesu, Imbuto ya

cyami.

28 Noneho, ayo maraso… Murabona, twakijijwe n'Amaraso. Kandi hatabayeho kumeneka kw'amaraso nta kubabarirwa. Mwitegereze, Yesu ntabwo yari Umuyahudi, Yesu ntabwo yari Umunyamahanga, Yesu yari Imana. Ntabwo yari… Ntabwo yashoboraga kuba Umuyahudi cyangwa Umunyamahanga. Mwitegereze, igitsina gabo kizana akaremangingo k'amaraso, aririyo gi ry'amaraso. Akaremangingo k'ubuzima kari mu igi ry'amaraso.

Numvise mwe bantu hano, benshi muri mwe… Narimo ngendagenda aha undi munsi nitegereza abo… abahinzi banyu, kandi mufite inkoko. Noneho, inkoko kazi ishobora gutera igi. Inyoni y'imbyeyi ikuze ishobora gutera igi. Ariko niba itarabonanye na kigenzi cyacyo, ntabwo ishobora guturaga. Nyamara ishobora gutera igi, kubera ko igi iri... n'iry'ingore. Ariko amaraso... Kandi ubuzima buri mu maraso.

29 Noneho kubw'ibyo, ubuzima Bwe bwari ubuzima bwaremwe, ntabwo ari ubuzima bwaturutse mu karemangingo k'ubuzima k'umugabo runaka. Kandi noneho, igi ntabwo ryari Mariya, kubera ko iyo igi riba irya Mariya, nkuko abenshi mu Baporoso bizera n'Abagaturika nabo, ko ririya gi ryari irya Mariya... Noneho, iyo biba igi rya Mariya, yari kuba aremye umuntu. Oya, niba akaremangingo k'Amaraso kari Imana, ubwo n'igi naryo ryari Imana. Kubera ko Mariya ntabwo yashobora kureba iryo gi... Murazi, ese murikumva icyo ndimo kuvug. Ntabwo yashoboraga kubigeraho hatabayeho kwiyumvayumva. Noneho hamwe... hamwe n'uko kwiyumvayumva n'iki ubwo mwaba muhinduye Imana kubacyo noneho? Kuba mu mibonano mpuzabitsina nanone. Murabona? Noneho byombi yaba igi n'Amaraso byari Imana. Amena.

Kandi ibyo… Mubyizera, kandi muzagira kwizera ko gukomeza imbere. Ntabwo twacunguwe n'amaraso y'Umuyahudi, cyangwa Amaraso y'Umunyamahanga. Twacunguwe n'Amaraso y'Imana, Ubwayo, Akaremangingo k'amaraso karemwe.

30 Nkuko nabivuze… Fata iyi nyoni ikuzi y'ikigore. Igeze mu gihe cyo kororoka. Nahoze nitegereza undi munsi uburyo zifata utwatsi maze zikazamuka kandi zigakora ibyari byazo. Noneho, ishobra guhaguruka hari maze igakora icyari, maze igatera amagi yuzuye icyari, kandi ikayubararaho, kandi ikayabundikira, kandi ikayitaho ayo magi, kugeza ubwo yo... kugera ubwo igera aho itabasha kuguruka kugira ngo ive mu cyari ijye gushaka icyo yarya. Ariko niba itarigeze ibonana n'ikigabo, ntabwo izigera ituraga. Ntabwo zigeze zima. Ibyo murabizi. Aguma aho mu cyari kandi akabora.

31 Uko niko bimeze kuri amwe mu matorero. Dufite icyari cyuzuye amagi yaboze. Ntabwo bafite kwizera kwa Abraham. Ni igihe cyo gutunganya icyari mukongera mugatangira. Mwinjire mu guhura, atari hamwe n'amashyirahamwe runaka, amwe mu maseminari ya za tewolojiya, ariko mwinjire mu guhura n'Ingabo, Kristo Yesu, Ariwe uzana kwim k'Umwuka w'Ubugingo uri muri mwe. Ni we utuma mubyizera.

Mutunganye icyari maze mwongere mutangire. Mwabakomanze ku mugongo, kandi murabinjiza, kandi mubagira abadiyakoni… kandi barashatse kane cyangwa gatanu n'ibindi. Mbega isi turi kwinjiramo, uko ubonye kose? Bakabohereza muri seminari, kandi bakinjizamo iyo miti yo gusiga abapfuye muri b, kandi barangiza bakabagarura kandi...

Hano undi munsi, mu kigereranyo, berekanye ko mirongwicyenda n'icyenda ku ijana y'ababwiriza b'Abaporoso aha hose mu gihugu batizera mu kugaruka mu buryo bufatika kwa Kristo. Mirongwinani na karindwi ku ijana bahaka kubyara kw'isugi. Mubitekerezeho. Ni ibiki abana bacu bagiye kuzahura nabyo hariya hakurya? Imana itugarurire kwizera indi nshuro kwahawe abera inshuro imwe gusa.

32 Abraham… Mwitegereze inzira ye yarazamutse. Ni igishushanyo neza neza cy'itorero. Ibyo Abraham yigeze agira byose… Twabonye itorero. Iyo tubasha kugira icyumweru cyangwa bibiri byo kuba hano, nabashakaga kubereka intamwe ku ntambwe, uburyo itorero ryanyuze muri iyo nzira imwe. Ikimenyetso cy'Imana, Ijambo risezeranwe, rivugana na we mu mubiri w'umuntu; isezerano rya nyuma mbere y'uko isi y'Abanyamahanga isenywa, ariyo yari Sodomu na Gomora.

Noneho, tekereza. Abraham mbere y'uko agira… Imana yaramubonekeye mu buryo bwinshi, kandi Imicyo, n'amashusho, n'ibimenyetso. Ariko ntabwo Imana yigeze iza kuri we nk'umuntu, maze ivugane nawe mu ijwi ryumvikana, nkuko umuntu avugana n'undi muntu. Kandi mwibuke, isezerano ubu noneho ririteguye gusohora. Iyo... Sodomu igiye gutwikwa. Ubutumwa bwanyuma buri hafi. Kandi aho hari itorero mu buryo busanzwe, itorero ry'idini. Aho... aho haje Billy Graham ugezweho aho hepfo kugira ngo abasohoremo.

33 Hari itorero ryatowe, ritari Sodomu, ryahamagawe ngo risohoke, ritandukane. Babonye intumwa. Mwitegereze, itsinda ry'Abraham ryabonye ubutumwa. Kandi noneho, ibyo byari ibiki? Imana, yari irimo ivugana nawe aho hose mu bimenyetso, n'amashusho na buri kintu, azamuka. Kandi noneho Yiyerekanye Ubwe hano mu ishusho y'umuntu, kandi arondora ibitekerezo byari biri mu mutima wa Sara aho inyuma Ye. Kandi Abraham aravuga ati, “Ni Elohim, uwo wihagije Ubwe. Mwibuke, ako kanya nyuma y'uko iyo Sodomu itwakwa.”

34 Mubitekerezeho. Itorero rishobora kuba ririmo kugera ku kimenyetso cyaryo cyanyuma. Murabona,

dufite… Mwarasakuje, mwagize gutsindishirizwa na Luteri, kwezwa na Wesley, ibihe bikomeye, gusakuza, kwishima, kuvuga mu ndimi, gusobanura indimi, gukira indwara kwa Kimana. Ariko ubu tugeze he? Imana irimo kuvugira hagati muri twe, binyuze muri mu buryo bwumvikana, neza nkuko yabikoze hariya.

Kandi Yasezeranye kubikora; icyo nicyo kintu. Ntabwo ari ikintu dushobora guhimbahimba. Bibiliya niko ivuga. Yesu yavuze ko azabikora, akigaragaza bundi bushya. Mwitegereze. Kandi ako kanya nyuma y'ibi, Abraham yingingiye Loti. Amubaza niba Abashije kubona abantu icumi, niba Yababarira, ariko nta nubwo Yashoboraga kubona abo. Intumwa aho hepfo, banze izo ntumwa.

35 Kimwe no ku ifunguro rya mu gitondo rya Billy Graham, igihe yari mu mugi wacu, muri Louisville, Kentucky. Narindi aho ku ifunguro rye rya mugitondo. Aravuga ati, "Njya mu mugi..." Aravuga… Aterura Bibiliya. Ni umwizera ukomeye muri Bibiliya. Aravuga ati, "Njya mu mugi, maze nkagira igiterane. nkabona abihana ibihumbi mirongwitatu cyangwa bafashe icyemezo." Aravuga ati, "Kandi nazasubirayo nyuma y'amezi atandatu uhereye ubwo, sinshobore kubona na mirongwitatu." Maze aravuga ati, "Pawulo yagiye mu mugi maze yihanisha umwe. Kandi igihe agarutse nyuma y'umwaka, wawundi wihanye yari yihanishije abandi, abihana bakagenda biyongera inshuro nyinshi kubandi, kugeza ubwo yari afite abagera ku ijana bihannye bavuye kuri uwo."

Aravuga ati, "Noneho, ikibazo ni ikihe?" Aravuga ati, "Mwebwe tsinda ry'abanebwe b'ababwiriza..." Aravuga ati, "Mugereka akaguru ku kandi aho mu biro, kandi ntabwo musohoka maze ngo musure abantu."

36 Noeho, njye ndi nde, umuntu utariaze nka njye kuba navuguruza umubwiriza ukomeye? Ariko nifuzaga kuba namubwira ijambo rimwe. Nti, "Billy ni uwuhe mubwiriza wasigaranye n'umwizera wa Pawulo?" Murabona, kwari ukubera ko Pawulo yamugeje mu burebure hashoboka, kugeza ubwo Kristo yaje muri we, kandi yarimo aguruma umuriro aho munsi yo Kugaragara kw'Ihoraho, atari amatsinda y'abanyabwenge, cyangwa abantu biyunzeho, cyangwa... cyangwa abafite izo mpapuro zasinywe, cyangwa imihigo ko bazaza ku rusengero. Akabajyana mu mubatizo w'Umwuka Wera, maze noneho... bakagurumana umuriro. Akabyara abana. Ni gute yashobora gukora ibyo mu gihe yaba ari ingumba? Ntabwo ashobora kugira abana keretse afite ubuzima muri we ubwe. Ubwo nibwo buryo bwonyina ikintu icyo ari cyo cyose ubwacyo gishobora kororokamo binyuze mu karemangingo k'ubuzima. Kandi Akaremangingo ni Umwuka Wera wari muri Kristo, uri mu mwizera.

37 Noneho, tubona ko, ikimenyetso cya nyuma cy'Imana kuri Abraham mu bifatika yari Imana mu Ijambo. Mwibuke, Imana, Ijambo ryasezeranywe iryo Yari yaramusezeranije aho hose, Ryavuganye na we mu mubiri w'umuntu; Umuntu, ahagaze aho arimo avugana nawe, arondora ibitekerezo byari mu mutima wa Sara, kandi we yari inyuma Ye mu ihema; icyo nicyo cyari ikimenyetso cya nyuma.

Mwitegereze noneho. Yari Ihari mbere y'uko Imubonekera mu bimenyetso bitandukanye, nk'imicyo, n'umuriro, n'ibindi, yaramubonekeye. Ariko noneho, mwitegereze. Kandi ako kanya ndashaka ko mwitegereza icyabaye kuri iryo tsinda ry'abasaza. Ndibwira nk'umuntu uhindura amatwara. Kandi ... kandi niba mutizera ibi, mubyihorere byonyine. Gusa... murabona. Ariko ndashaka kubabwira icyo ntekereza cyabayeho.

Ese mwarabibonye? Noneho, Uwo Sara ugiye kubona uyu mwana ameze ate? Ubu, yari afite imyaka ijana. Noneho, umuntu umwe aravuga ati, "Rero, byari ibintu bitandukanye noneho." Bibiliya ivuga ko inda ibyara ye yari yarapfuye, kandi Bibiliya ivuga ko bombi bari bamaze gusaza.

38 Ariko Yarimo Ikora kuri Sara n'Abraham, aje iyi nzira, kimwe neza n'uburyo Yasezeranye kubikora ku rubyaro rwabo. Kandi Yarabikoze. Nshobora kubahamiriza ibyo, neza neza nizo ntambwe Abraham yafashe.

Noneho, reba aho ari hano ubu. Igihe iyi Mana yaje maze Ivugana na we mu mubiri w'umuntu, Irigaragaza Ubwayo kuri we, ako kanya noneho, ni gute Sara yari agiye kubona umwana? Noneho, Abraham yari yarabanye na we, kandi ahari yari… Bivugwa ko umubiri wari umeze nk'upfuye. Bibiliya ivuga ko ariko wari uri. Umubiri we hano wari upfuye, inda ibyara ya Sara yari yarapfuye. Ariko ntabwo yanyeganyeze, nyamara yarabyizeye.

Noneho, murebe. Iyo Sara… Ndi mu iteraniro rivanze, kandi mumbabarire, bashiki bacu. Kandi mujya mwumva abaganga banyu, kandi njye ndi mwene so. Ariko noneho mwitegereze. Saraha ku myaka mirongwicyenda yari ashaje cyane kukuba yajya kubise. Uriya mutima ntabwo washoboraga kubyihanganira. Ibyo murabizi. Kandi ikindi kintu, imitsi ye y'amashereka yari yarumye. Ntabwo bagiraga za bibelo n'ibindi bikoresho by'isuku muri kiriya gihe (Murabona?), yagombaga kuba ari umubyeyi utose. Mwitegereze. Ubwo ni gute yajyaga kubikora? Ni gute yajyaga kubona uyu mwana? Inda ibyara ye yari yarapfuye. Yari yarapfuye mu mubiri we ubwe, n'Abraham yari yarapfuye.

39 Muzi icyo Yakoze? Yarabahinduye. Yabagaruye kuba umugabo muto n'umugore muto. Nshobora kubahamiriza ibyo. Yabagize umugabo muto n'umugore muto, yabahinduye kongera kuba abasore bundi

bushya. Oh, mbega isezerano ritangaje. Muravuga muti, "Oh, Mwene Data Branham..." Rero, gusa tegereza umunota umwe. Ntimugire... Mube muhagaze gato. Ibi bishobora gukomeretsa ho gato, abanyamategeko, ariko ndashaka ko mubona ibi nonaha, umunota umwe gusa. Noneho, turimo kubwiriza kimwe n'ishuri ryo Kucyumweru kuri ibi. Yabahinduye umusore n'inkumi bundi bushya, nk'abo mu myaka makumyabiri.

40 Abraham… Noneho, murebe, yari ashaje, ubwanwa bwe bwaranaganaga aho, umubiri we wari umeze neza nk'uwapfuye, ayo maboko ye ananutse… Sara, n'ako gashari ke yiteye ku ntugu, n'akagofero gato, uwo nyogokuru urimo asindagira aho ku gakoni… Nshobora kumubona mu kindi gitondo. Rero, Abraham, hamwe n'uwo mugongo wihise cyane, imisatsi y'umweru itendera aho hasi, na Sara aravuga ati, "Abraham, mukundwa, rero, wowe, ubwanwa bwawe bwahindutse umukara."

"Urazi, Sara, amaso yawe meza arimo ararabagirana nkuko yahoze ameze. Amatama yawe yatoshye." Mbere y'uko izuba rirenga uwo mugoroba yari yasubiye kubama inkumi, kandi na we yari yabaye umusore.

41 Mwavuga muti, "Ni ibintu by'ubupfu, Mwene Data Branham." Oh, yego, niko byari biri… babaye bato. Isezerano ritangaje kandi n'igishushanyo cy'urubyaro rwa cyami rw'Abraham ako abo baje ako kanya. Mwibuke. Ese iryo ni isezerano? Yego, ko tuzahindurwa. Bari bahinduwe basubiye kubana abasore n'inkumi, byerekana neza neza icyo itorero riricyo, urubyaro rwa cyami ibigiye kuzarubaho. Muravuga muti, "Ese iryo n'isezerano?" I Abatesaloniki 4:17, impanda y'Imana izavuga maze duhinduke; mu kanya nk'ako guhumbya, tuzamurwe hamwe.

Kubera iki? Umubiri we, imibiri yabo yagombaga guhindurwa kugira ngo yakire umwana. Kandi iyacu ipfa, imibiri mibi cyane y'umwanda igomba guhindurwa kugira ngo yakire Umwana, kubera ko tuzazamurwa. Tugomba kugira imibiri ihabanye n'iyi, kubera ko tuzazamurwa mu kirere kujya ku musanganira. Amena. Birahura neza n'Ibyanditswe... Murabona? Barahinduwe.

Niba tuzigera duhura n'Umwami mukirere ntidushobora guhura na We n'ubu bwoko bw'umubiri, kubera ko uyu uzirikiye mu isi. Ariko tuzakira undi (Halleluya.) abo bazajya mu izamurwa.

42 Kandi igice cy'ubwiza cyabyo, kiri hafi cyane. Tubona ibimenyetso byose bimaze gutegurwa; ubu ntabwo bizatinda. Kimwe muri ibi bitondo hazabaho guhindurwa.

43 Ariko mwibuke, bizaza gusa kuri rwa rubyaro rwa cyami rwonyine. Kuza kwa Yesu bizaba ari ibanga rikomeye, abasigaye bo mu bantu ntacyo bazabimenyeho.

Murazi ahari hariya ntabwo hazaba benshi. "Nkuko byari bimeze mu minsi ya Nowa, aho ubugingo umunani byakijijwe n'amazi, uko niko bizaba mu kuza k'Umwana w'umuntu." "Irembo ni rigari, kandi inzira irafunga, ariko bake nibo bazaribona. "

Muravuga muti, "Hazaba hariyo za miliyoni hariya." Bari bose mu bisekuru, bacunguwe, byukuri. Ariko aho hantu kuzamurwa, aho duhagaze ubu…

44 Ni iki kizabaho umwe muri iyi minsi? Bagiye kuzavuga bati, "Noneho, murazi, hano twamaze kugera mu gihe cy'akarengane. Natekerezaga ko itorero rigiye kuzamurwa mbere y'igihe cy'akarengane"

Uko ni ukuri. Ntabwo ari itorero, umugeni. Itorero rinyura mu gihe cy'akarengane, ariko ntabwo ari ku mugeni. Oya, Mugabo. Yaracunguw. Ntacyo afite cyo kwezwaho; yamaze gutungana. Umwuka Wera aza muri we maze akamweza, nuko agakuraho umwanda we wose no kwangirika kw'isi. Maze yizera Ijambo kandi ahinduka igice cya Ryo. Ni ukuri. Hatari Umwuka Wera ntacyakorwa. Ni Umugeni niwe usohoka mu itorero. Kandi aho... We... Abo nibo bitwa abasigaye b'urubyaro rw'umugore basigaye kugira ngo banyure mu gihe cy'akarengane.

45 Murazi, igihe kimwe nyuma y'ibyanditswe byose Yesaya, Malaki 3, na Yesaya 40, bahanuye kuza kwa Yohana Umubatiza, Yohana yaraje neza neza mu buryo buhura neza n'Ibyanditswe. Kandi habe n'abigishwa baje kuri Yesu maze baravuga bati, "Kubera iki abanditsi (Ibyanditswe), bivuga ko Eliya agomba kubanza kuza?"

Aravuga ati, "Yamaze kuza kandi ntabwo mwabimenye. Yaraje, kandi bamugiriye neza neza icyo bari bakwiriye kumugirira, kandi ntabwo mwigeze mubimenya."

Noneho, ibyo bishobora kuba ari umwe muri iyi minsi mushobora kuzavuga muti, "Bimeze ku izamurwa?"

Ryamaze kubaho kandi ntabwo mwigeze mubimenya. "Hazaba hari babiri bari hamwe mu buriri. Umwe azajyanwa; undi asigare." Murazi, hari abagera ku magana menshi babura ku isi buri munsi uko biri kose, murabizi. Ntabwo bashobora kubihagarika. Noneho gusa mutekereze kuri ibi, biteye agahinda, ubwo abantu bazakomeza kubwiriza bibwira ko abantu barimo gukizwa.

46 Nuko Nowa yinjira mu nkuge maz umuryango ufungirwa inyuma ye kubw'ukuboko kw'Imana. Izuba rirasa kandi rikongera rigasubirayo mu gihe cy'iminsi irindwi mbere y'uko hagira ikintu kibaho. Kandi abantu bakomeza kubwiriza, ndetse no gukomeza kubiseka, na buri kintu kindi, batazi ko ibyo byari igihe cy'imbabazi kandi cyamaze gufungwa kuri bo. Mubitekereze. Abigisha bazaba bakirimo gutegura ababwiriza, kandi babohereza hanze, ndetse n'ibindi bintu nk'ibyo birimo kuba, kandi itorero rizakomeza, kandi hazaba nta mbabazi na nke, nta kindi kintu, zakuweho burundu. Izamurwa rizaba ryamaze kuba. "Reka uwanduye akomeze yandure." Ibyanditswe nicyo bivuga. Yamaze kuza, kandi mukaba mutabimenye...

47 Tekereza kuri ibyo uyu mugoroba, nshuti, kandi witegereze ibirimo kuba. Nta kintu gihari mu isi gishobora kubafasha ubu uretse Ijambo ry'Imana. Murabona? Nta bindi byiringiro, si igihugu cyanyu nta n'ahandi. Twamaze kumungwa kugeza ku musokoro. Ibyo murabizi. Ubukoministi bwamaze kumunga iki kintu. Byaravuzwe; bigomba kuba muri ubwo buryo. Ntabwo Azabihagarika. Bibiliya ivuga ko ari uko bigomba kuzaba muri ubwo buryo. NOneho ntabwo mushobora kuzabihagarika; ni ibyo gusa. Mwitegure izamurwa. Icyo nicyo kintu cyo mufite gukora.

48 Abatesalonike, cyangwa I Abatesalonike 4: 17 havuga ko tuzahindurwa nkuko Abraham byabaye, maze tukazamurwa mu mibiri yindi. Noneho, Abraham, iyo mibiri yabo yakera yarahinduwe. Uko niko n'iyacu igomba guhindura kugira ngo isohoze isezerano. Tugomba guhindurwa.

Noneho, muravuga muti, "Iyi mibiri ya kera?" Ndashaka… Narimo mvuga muri Kiwanis hano igihe kimwe gishize, kandi… kandi umuganga yaje aho nyuma. Aravuga ati, "Mugabo Branham" aravuga ati, "nshima ibyo uvuga," Ariko ati, "urabizi ko ntashobora kubyizera...ibyo... ibyo ari byose keretse bihamirijwe n'ubushakashatsi, kubijyanye no kuvuka kw'isugi n'ibindi nk'ibyo, no kubijyanye no kuba Imana."

Ndavuga nti, "Rero, ntabwo uzigera uyizera, kubera ko ntushobora guhamiriza Imana mu buryo bwa gishakashatsi. Ukwiriye kuyizera binyuze mu kwizera… kubwo kwizera."

Aravuga ati, "Rero, ntabwo nizra mu bintu bitari iby'ubushakashatsi."

Ndavuga nti, "Ese warashatsi?"

Aravuga ati, "Yego, mugabo."

Ndavuga nti, "Ese ukunda umugore wawe?"

Aravuga ati, "Ni ukuri nibyo."

Ndavuga nti, "Mu buryo bwa gishakashatsi nyereka icyo urukundo ari cyo noneho. Ndashaka ko mungururira urukundo rucye, niba ushobora kumbwira iyo farumasi irucuruza. Nyakuri ndarukeneye." Ndavuga nti, "Njye..." Murabona, ni ikintu cyoroheje

49 Ndavuga nti, "Ndakubaza ikibazo. Noneho, hano. Ese twaremwe mu mukungu w'isi?"

Aravuga ati, "Yego, mugabo."

Ndavuga ati, "Twakira uwo mukungungu kubwo kurya ibyo kurya bivuye mu isi. Kandi ibyo n'ibihingwa n'ibindi." Murabona, mushobora kubeshwaho gusa n'ibintu byapfuye. Murabona? Niba uriho , hagomba kuba hari ikintu cyapfuye bityo kugira ngo ubashe kubaho mu buryo bw'umubiri. Iyo uriya ibirayi, biba byapfuye. Iyo uriye inyama, haba hari inka yapfuye. Iyo uriye inyama y'ingurube haba hari ingurube yapfuye. Iyo uriye imboga, zigomba kuba zapfuye; ibyo biri mu ishusho y'ubuzima. Kandi wowe gusa ubeshwa n'ibintu biriho mu buryo bufatika... kubwo gukoresha ibintu biba byapfuye; ibintu byapfuye.

Noneho, ibyo ntibikwiriye ko muhagarara mukibaza, nshuti, ese kugira ngo tubeho by'iteka ntibikwiye ko tubaho kubera ko hari Ikintu cyapfuye kubwawe? Kristo yarapfuye, yego, arongera arazuka kugira ngo ahamirize Ubumana.

50 Mwitegereze noneho. Naravuze nti, "Dogiteri, iyo ndiye ibyo kurya noneho, buri gihe uko ndiye ibyo kurya bijya mu mubiri wanjye, kandi bikora uturemangingo tw'amaraso."

Aravuga ati, "Ibyo ni ukuri."

"Noneho buri gihe uko ndiye, mvugurura ubuzima bwanjye."

Aravuga ati, "Ibyo biratunganye; habaho uturemangingo tw'amaraso dushya."

51 Ndavuga nti , "Ndashaka kukubaza ikintu noneho. Igihe narimfite imyaka cumi n'itandatu, naryaga ibigori, n'ibishyimbo, n'ibirayi, n'inyama ndetse kimwe n'uko mbikora uyu munsi. Kandi buri gihe uko naryaga nagenda nkura kandi ngira imbaraga. Nuko noneho igihe njye kugera ku myaka makumyabiri n'ibiri... Buri kiremwa muntu, uko warya kose, uburyo warya neza kose, ugenda usaza kandi ugira intege nke. Noneho, niba ndimo nsuka amazi nyavana muri iki kirahure nyashyira muri kiriya, Maze ngasukamo

kimwe cya kabiri, maze noneho ngakomeza gusuka nyuma y'ayo acagase; noneho aho kugira ngo akomeze azamuke agatangira kumanuka, mu buryo bw'ubushakashatsi mpamiriza uburyo ibyo bibaho."

Ni gute bigenda kuba ndimo kurya ibyo byokurya bimwe, bikagira ubuzima bwanjye bushya buri gihe bikurikije ibyo mushobora kumpamiriza… mu buryo bwa gishakashatsi mba ndimo kugira ubuzima bwanjye bushya igihe ndimo nongera utwo turemangingo tw'amaraso, ubwo bwoko bumwe bw'ibyo kurya narya igihe narimfite imyaka cumi n'itandatu. Ariko kubera iki, nyuma y'uko ngize imyaka makumyabiri n'ingahe , noneho uko narya kose, ngenda manuka, ntangira gusaza, nsaza, nsanza, kandi nkagenda kururwa hase igihe cyose, Aho kugira ngo birusheho kunyuzuza nkuko byabikoraga mbere, ubu bigenda bimanura. Ni umurariko, icyo nicyo biricyo.

52 Ariko Imana yakoze ifote. Kandi Yayifashe igihe wari ufite imyaka makumyabiri n'ingahe. Niba nta kintu kibirogoye… Nkuko wa muhungu muto waremaye wicaye hano, kimwe n'urwo ruti rw'ikigori rutangiye kumera, kandi ikintu kikaba kiryamye aho kandi bikarutera gukura rugoramanze... Uramutse ubashijije gukoraho icyo gibitera gukura kigoramanga, uruti rushobora gukura neza ku murongo. Bigomba kuba; niko biri.

Mwitegereze, haramutse hatagize icyibivangira, aho uba ukiri umugore muto mwiza, umusore muto mwiza, wowe n'umugabo wawe muhagaze hamwe, uwo Adamu ugezweho na Eva kuva mu itangiriro Imana yaravuze iti, "Ngaho aho muri. Noneho, wowe rupfu ukajya inyuma yabo. Ntushobore kongera kubafata, ariko ntabwo ushobora kubajya kuburyo bwuzuye kugeze mpamagaye." Noneho, ibyo ni ibiki? Ni ifoto iri kuri negatifu.

53 Oh, mbega. Murabona, ibyo ni ukuri neza neza icyo Yakoze kuri Sara n'Abraham. Yahanaguyeho ubwo busaza. Ubusaza ni ikimenyetso cy'urupfu, kandi ntabwo hazaba ikimenyetso cy'urupfu mu ijuru. Murabona, kwibuka kose k'urupfu kuzakurwaho, kandi ntabwo hazongera kubaho imyaka y'ubusaza. Twese tuzaba turi abantu bato. Ni ifoto Imana yafashe mu buto bwawe. Kandi noneho, Imana yafashe kandi isubiza Abraham na Sarah inyuma muri iyo myaka myiza bakiri bato bushya. Noneho ngaho aho muri.

54 Kandi ikindi gihamya nshaka kubereka ubu. Njye… ntabwo… ndumva ibyo bitari bugende neza. Icyo mfite gusa… Ntabwo mwizera ibyo. Rero, reka mbasabe. Reka mbereke ikintu. Reka mbereke ko babikoze.

Noneho mwitegereze. Reba aho bari bari ku ikarita ndangahantu igihe Imana yababonekeraga, aho haruguru muri Sodomu. Ako kanya bakimara gufata urugendo hafi ibirometero maganatanu byabo bamanuka bajya I Gerari. Urwo rwari urugendo rurerure ku muntu w'umusaza n'umukecuru. Nguyu hano uwo musaza ushaje noneho, hamwe n'ubwanwa bwe burimo bunagana, aho ku nkoni ye. Hano hari uwo nyogokuru, murabizi, hamwe n'iyo ngofero ye nto, arimo asindagira aho inyuma ye, agenda atera utwo dutambwe twe duto uko agenda

55 Kandi noneho, ibibazo byari bafite byari, igihe bamanukaga I Gerari, hariyo Abimeleki. Umwami yari ahiga uwo bakundana. Kandi abo bagore bose beza yari afite aho hepfo, abo bakobwa b'Abafilistiya, igihe yabonye Sara aramubengukwa, yashakaga kumugira umugore we. Ese ibyo ni ukuri? Ha, ha!

Oh mwene Data, Bibiliya ni nk'urwandiko rw'urukundo. Ugomba gusoma hagati mu mirongo, ukareba icyo bisobanura. Imana yacuze ko yabihishe amaso y'abanyabwenge n'abahanga, maze ibihishurira abana bato abo bashobora kubyiga.

56 Igihe ndi hanze hari mu murimo w'ubumisiyoneli, umugore wanjye anyandikira urwandiko. Kandi ndamukunda ndetse arankunda. Kandi ashobora kuvuga ati, "Mukundwa Bill, uyu mugoroba nashyize abana mu buriri, kandi nakoze uyu munsi..." Nkabona icyo arimo gusoma... icyo arimo kwandika. Ariko murabona, ndamukunda cyane nshobora gusoma haga y'imirongo. Nkamenya icyo arimo kuvugaho. Ntabwo ari ngombwa ko abimbwira ndabizi, kubera ko nshobora gusoma hagati mu mirongo.

Ni muri ubwo buryo bimeze no ku Mana. Ntabwo tugerageza kwiga ibivuye ku myumvire y'ikinyamakuru runaka, abanyatewolojiya runaka. Ariko ni ukuba mu rukundo, hamwe na We. Uramanuka maze ukamushaka mu mutima wawe. Urukundo rw'Imana rukaba rwarakwiriye mu mutima wawe binyuze mu Mwuka Wera. Hanyuma ukagenda ugasoma Bibiliya. Ukabibona birimo kuza aho hagati mu mirongo. Murabona, ukamenya icyo Arimo kuvuga. Nta na rimwe yigeze abivuga neza hariya mu magambo. Yesu yashimiye Data kubera ko yahishe ibyo bintu amaso y'abahanga n'abanyabwenge. Noneho, nta wundi wundi washobora gusoma urwandiko rw'umugore wanjye nka gutyo, kubera ko mukunda muri ubwo buryo. Murabona? Kandi ubwo nibwo buryo anyandikira. Ubwo nibwo buryo Imana itwandikira; ni hagati mu mirongo. Ukabisoma.

57 Nguyu hano noneho, Sara. Ni ukuri, amanuka aho hepfo … Ushobora gutekereza uwo nyogokuru muto, murabizi, n'abo bakobwa beza bose aho hepfo mu itsinda ry'Abafilistiya… mu gihugu cy'I Gerari. Nuko aho haza Abimeleki. Yari umwami ukeye ukiri muto, kandi yari agiye kwishakira umukunzi. Nuko areba aho hsoe. Bari beza na buri kintu. Ariko abona nyogokuru arimo aza, murabizi, atitira, n'uguwe

nabi, arimo azaho. Aravuga ati, "Uyu niwe nari ntegereje. Uyu ni we." Ati, "Oh..."

58 Kandi Abraham aravuga ati, "Ndakwinginze, Sara, unyereke ineza yawe. Dore kukureba urakeye." Oh… ati, "Igihe uribumanuke hariya hepfo, uvuge ko ndi umuvandimwe wawe, kandi ndibuvuge ko uri mushiki wanjye, kubera ko nuramuka utabikoze baribunyice maze bakujyane." Murabona, bo... Ntabwo washoboraga kugira abagore babiri icyarimwe. Murabona? Noneho ubwo twe... cyangwa ntabwo yashoboraga kugira abagabo babiri icyarimwe. Umunsi umwe muri iyi nzabibwirizaho. Noneho muzafate urubyaro tw'inzoka hari icyo ruzahagurutsa muri mwe, mutegereze kugeza ubwo ibi bizaza.

59 Rero… Rero, noneho, mwibuke. Noneho tubona ko igihe babonye abo baje, uwo nyogokuru muto nk'uko, Abimeleki yaramubengutse hamwe na we, nuko aragenda aramufata kugira ngo abe umugore we. Ibyo bitekerezeho. Murabona aho Yabahindukirije mu buto? Ni ukuri, Yarabikoze.

Iyi Bibiliya ni urwandiko rw'urukundo ni ikintu Imana yatwandikiye. Yabihishe amaso y'abanyabwenge n'abahanga, maze Abihishurira abana bato bashobora kubyiga. Yarabihishe… Yahishe kuza kwe. Yahishe Yesu ku Bafarisayo, abo banyeshuri bigaga Ibyanditswe. Nta kintu dufite uyu munsi ugereranije nabo. Uko bari abanyeshuri kose, ntabwo babashije kumumenya. Yari ahishwe. Bibiliya ivuga ko ari uko Yari Ari.

60 Kandi murabizi ko Bibiliya ivuga ko abanditsi b'uyu munsi nabo bazaba bahishwe muri ubu buryo? "Abatumva, bikakaza, bakunda ibibanezeza kuruta uko bakunda Imana, batari abizerwa, babeshyerana, batanyurwa, kandi banga ibyiza; abafite..."

Muravuga muti, "Abo ni Abakomunisiti"

Oya, oya. "Bafite ishusho yo kwera, ariko bahakana imbaraga zako; abameze batyo, ujye ubahunga." Murabona? Uko ni ukuri. "Mwene abo nibo bagenda inzu ku yindi, bakanyaga abagore baruhijwe mu mitima n'irari ry'uburyo bwose" n'ibindi.

61 Mwitegereze. Noneho, tubona Abraham hepfo hariya. Kandi Abimeleki aza aho maze aravuga ati, "Uyu ni we nategereje iki gihe cyose." Noneho yohereza abakobwa be kuza kumuzana, maze bamusohora aho, kandi , oh, ahari kujya kumutunganya, kandi kugira ngo agaragare nk'umwe mu bamikazi b'urwego runaka. Kandi uwo mugoroba... Ndashaka ko mubona hano, ubuntu bw'Imana ku muhanuzi wayo. Ibi bishobora kubakomeretsa gato, ariko ni ukuri. Uko byaba bisa kose, murebe icyo Bibiliya ivuga.

62 Noneho, murabona, Abimeleki, yaratekereje ati, "Ejo nzarongora umukobwa w'Umuheburayo w'uburanga. Kandi ari hariya mu byumba hakurya hariya ubu. Kandi abajakazi bajye barimo kumutera ibihumura neza, kandi bamutegura, ndetse bategura ibyo byose." Noneho, mushobora kwibaza uwo mugore w'imyaka mirongwicyenda barimo bamutunganya kugira ngo ashakane n'umwami ukiri umusore? Noneho tubona ko igihe bari bamaze gutunganya byose kuri uyu mukobwa w'Umuheburayo... Kandi umwami ariyuhagira kandi arirambika, arimo ananura amaguru ye nyuma yo kuvuga amasengesho ye, nuko abaryamye, aravuga ati, "Oh, mbega."

63 Noneho, ese… washobora kwibaza Abraham akora amayeri nk'ayo? Umugabo kuba yavuga ikintu nk'icyo ku mugore we? Muramutse muvuze ku munyabwoba. Abraham yaba ari we. Nguwo aho ari, yicaye aho noneho, nyuma yo gukora ikintu nk'icyo.

Mwitegereze. Kandi Abimeleki, iryo joro Uwiteka aramubonekera mu nzozi maze Aravuga ati, "Umeze nk'intumbi." Ati, "Utwaye umugore w'undi mugabo."

Aravuga ati, "Mwami, Uzi gukiranuka k'umutima wanjye." Ati, "Njye… njye… Yambwiye ngo ni musaza we, kandi na we yambwiye ko ari mushiki we."

Aravuga ati, "Nzi gukiranuka k'umutima wawe. Iyo niyo mpamvu nakurinze kuncumuraho." Murabona? "Ariko uriya… Umugabo we ni umuhanuzi Wanjye." Itegereze ubuntu Bwayo ku muhanuzi Wayo, nubwo yari mu makosa. Murabona? Aravuga ati, "Ni umuhanuzi Wanjye. Ntabwo nshobora kumva amasengesho yawe. Genda umusubize umugore we, kandi ureke agusengere. Nuramuka utabikoze, igihugu cyawe cyose kiraba kigiye; burinda ibyara iraba ifunzwe."

Tekereza kuri ibyo. Ni neza neza icyo Yavuze. Kandi Abimeleki yari umuntu mwiza ndetse yatinyaga Imana. Yego, mugabo.

64 Ariko murabona icyo ubuntu bw'Imana bukora? Aho hahagaze umuhanuzi Wayo hanze hariya uwo urimo utanga umugore we hariya kugira ngo ashakwe n'undi mugabo, kandi agitegereje umwana w'isezerano, ndetse n'ibintu nk'ibyo, kandi ubuntu bw'Imana bugumana n'Ijambo, tutitaye kuburyo bimeze. Uko ni ukuri. "Umugabo We ni umuhanuzi Wanjye, kandi ntabwo nshobora kumva amasengesho yawe. Uko waba ukiranutse kose, n'uburyo waba uri mwiza, ndetse n'uko waba ukeye, keretse agusengeye naho ubundi uri intumbi."

Nuko aragenda afata Sara kandi aramusubiza. Oh, mbega.

65 Noneho Isaka yinjira mu murimo. E-53. Noneho, mu gusoza, tugize vuba vuba, ndashaka kugera ku kintu. Isaka yinjiye mu murimo, kandi noneho isezerano ryari risohoye.

Noneho, nyuma Isaka araza, umuhungu muto, yari afite nk'imyaka cumi n'ibiri, n'ibindi, Imana yahaya Abraham ibigeragezo bibiri. Nyuma y'uko imugerageje imyaka makumyabiri n'itanu ubu, noneho yamuhaye ikigeragezo cyikubye kabiri. Noneho, Aravuga ati, "Abraham, ndashaka ko ufata uyu mwana ubu, umuhungu wawe w'ikinege, maze umuzamukane ku musozi aho nzakwereka hano mu iyerekwa. Kandi ndashaka ko umujyana hariya hejuru maze ukamutambaho igitambo."

66 Maze aravuga… Ntabwo yashoboraga… ntiyigeze ahakana kubikora. Yarahagurutse mu gitondo gikurikiyeho nyuma y'uko Umwami avuganye nawe, ashyira amatandiko ku ndogobe ye, nuko afata inkwi zimwe n'ibindi bintu n'ifumba, nuko yurira indogobe. Agenda iminsi itatu. Maze agera ahantu, maze areba imbere ye kure aho hantu yari agenze iminsi itatu. Noneho, ngaha aho Abraham yari. Kandi urwo rugendo rw'iminsi itatu... kandi icyo gihe... Abagabo ntibari bafite amguru ajya za essance nkuko tubifite uyu munsi. Kandi umuntu uwo ari wese usanzwe ashobora kugenda ibirometero 40 ku munsi. Murabona? Ese ubwo nihe yari ageze, aho kure mu kidaturwa?

Maze aravuga ati, "Noneho, mugume hano." Nkunda uyu Abraham. Abwira umugaragu ati, "Mutegereze hano hamwe n'indogobe, kandi njye n'umuhungu wanjye turigira hirya tujye kuramya; kandi turibugaruke."

Ese ni gute agiye kubikora, igihe yari azamutse aho kugira ngo amwice? Imana yari yabimubwiye, aravuga ati, "Zamuka hariya maze umwambure ubuzima bwe."

67 Ariko ni iki Bibiliya yavuze mu ba Roma 4? "Abraham yamenye ko amwakiriye nk'uzutse, kandi yari ahamirijwe neza ko Imana yari Ishoboye kumuzura avuye mu bapfuye, kuva aho amwikira nk'ikimenyetso."

Aravuga ati, "Mutegereze hano."

Ese ni gute Igiye kubikora? Ntabwo nabibabwira. Ese ibyo mushobora kubitekereza, mushiki wacu, hamwe n'umwana mu maboko, kandi umubyeyi yicaye aho mu igare, umuhungu muto ari aho, ahagana hano, papa? Ntabwo nzi ibyo Igiye gukora. Ntabwo nzi uburyo Igiye kubikora, ariko Igiye kubikora kubera ko Yabisezeranye Izabikora kurwego rw'aho muzizera. Yarabikoze ku bandi. Murabona?

68 "Umuhungu na njye… Njye n'umuhungu turi bubagarukeho." Murabona? "Mutegereze hano, kandi tugiye kujya kuramya." Maze akorera Isaac muto inkwi, igishushanyo cya Kristo yikoreye umusaraba We. Bazamuka mu mpinga y'umusozi, Isaka muto atangira kwibaza.

Kandi aravuga ati, "Data..."

Aravuga ati, "Ndi hano muhungu wanjye."

Aravuga ati, "rero, hano hari igicaniro; hano hari umuriro; hano hari inkwi; ariko intama y'igitambo irihe?"

Mwumve aya magambo ubu, avuye mu kanwa k'Abraham. "Muhungu wanjye, Imana iribwironkere intama y'igitambo Ubwayo." Ibyo bisobanuye ko Iributange igitambo; Yehova Yire, Uwiteka utanga intama.

69 Kandi igihe yaramaze kuboha amaboko, kandi amaze kumurambika… aho ku gicaniro...

Ndibaza niba ubu byari gihe ki, nyuma yo kumutegereza imyaka makumyabiri n'itanu, maze Imana ikoze… nyuma yo gusenya ikintu cyonyine yari yarahamirije iyi myaka yose. Yari yarahindutse igitutsi mu bantu, bamuseka. Noneho hano Imana iti, "Senya icyo kintu nyirizana wari ufitemo ibyiringiro cyonyine bishoboka ko Ijambo Ryanjye rigiye gusohora muri wowe. Naguhaye umuhungu. Afite imyaka cumi n'ibiri; bose bari baramumenye, byari bikugize sekuruza w'amahanga, ariko genda wice umuhungu wawe." Ese ushobora gutekereza ibyo? Imana irimo kutwereka ko, ibyo umuntu uwo ari wese yavuga, cyangwa ikindi kintu cyose cyaba kinyuranye n'Ijambo, uzange kukireba. Urubyaro nyakuri rw'Abraham rwizeraga ibyo.

70 "Kwica uwo mwana." kandi Abraham yari yamuryamishijeho Ushobora gutekereza… gufata uwo muntu muto n'imisatsi y'irende kandi izingiwe aho inyuma ku mutwe we, n'ayo maso ye atukura arimo areba hejuru nka gutya, kandi n'iyo minwa ye mito irimo inyeganyega, murabona icyo cyuma kinini gityaye giturutse kuri se... Tekereza kuri uwo mupapa. Arambitse uwo mutwe we muto hasi, kandi akuruye uwo muhogo we awujyana inyuma kugira gno ashobora kumucumita aho mu muhogo hamwe n'icyuma, kubwo kubaha Imana. Atitaye ku buryo byaba bigaragara, yaravuze ati, "Namwakiriye nkuvuye mu bapfuye; Imana ishoboye kumuzura." Azamura icyuma kugira ngo atangire,

Kandi Umwuka Wera afata ikiganze cye.

Aravuga ati, "Abraham, Abraham."

Ati, "Ndi hano."

Ati, "Gumishayo ikiganza cyawe." ati, "Nziko unkunda kandi unyizera ubu, kubwo kubona ko udashobora… ushobora kuba wampa umwana wawe w'ikinege."

71 kandi nko muri ako kanya hari aho isekurume y'intama ifashwe amahembe aho mu mahwa aho mu butayu inyuma ye. Ndashaka kubabaza ikintu, mwene Data. Mushiki wacu. Ese iriya sekurume y'intama yaturutse he? Mwitegereze. Usubiye inyuma bari bagenze iminsi itatu bavuye aho abantu batuye bajya mu kidaturwa, aho hari intare, isega, n'ubwoko bwose bw'imbwa z'ishyamba, n'ibisimba, ndetse n'ibindi bintu byinshi aho, ibyo byashobora kwica isekurume y'intama ako kanya. Kandi mwitegereze, yari aho hejuru ku mpinga y'umusozi aho hatari n'amazi. Maze yari yatoraguye amabuye aho hose arimo akora iki gitambo, kandi iyo sekurume y'intama ntayari ihari. Ariko igihe Imana yari ikeneye imwe, aho yari ihari. Kandi ntabwo byari iyerekwa; arayikinja kandi amaraso atemba ava muri yo. Irapfa.

72 Imana yarimaze kuyirema muri uwo munota, kandi Abraham ayibaga mu munota ukurikiyeho. Murabona? Yehova-Yire, Uwiteka aribwironkere umwana w'intama Ubwe. Byari ibidashoboka ku sekurume y'intama kuba aho. Niba hari umuntu uzi ibijyanye n'intama mu ishyamba, aho mu kidaturwa nk'ibyo, kandi aho hari izo nyamaswa zose z'ishyamba ndetse n'inyamaswa z'inkazi aho zashoboraga kuba zakwica iyo sekurume ako kanya. Ntabwo yari kubasha kuba aho. Kandi hano aho ku mpinga y'umusozi, aho hantu hatari n'amazi, nta byatsi, nta kintu cyari aho hejuru... Kandi nta yari yahahoze mu minota mike yari ishize mbere y'ibyo. Maze mu kanya gato igihe Imana yari ikeneye iyo sekurume y'intama, aho yari ihari. Yarayibwiye ibaho.

73 Kimwe neza n'uburyo yamubonekeye aho hepfo; Elohimu. Yarakeneye… Yarakeneye umubiri kugira ngo umanuke ku isi, nuko Akusanya urwo rumuri rwa cosmic, na peteroli, n'ibindi, maze abyinjiramo. Murabona, Yari Imana. Ubwo nibwo buryo Azabikora kuri wowe. Nyuma y'uko uzaba usigaye utangana n'akayiko k'ivu aho mu mukungugu, nabwo Azavuga, kandi uzahita uboneka aho. Azahamagara izina ryawe kandi uzitaba; urubyaro rw'Abraham. Iki... Iryo sezerano risohoye...

74 Mwitegereze, yari isekurume y'intama. Noneho, niba mufite umunota umwe w'inyongera, ndifuza gusobanura ibi. Murazi, irindi joro nabirekeye aho. Ntabwo nigeze mbisobanura mu itorero ryanjye. Kandi mwibuke igihe Yabihamirizaga ko icyo gitambo, ibyo byahamirije iryo sezerano kuri we? Yizaniye inyagazi y'ihene, atwara n'umwana w'intama, inyana y'inka, maze abicamo kabi, kandi atwara isekurume y'intama. Noneho mwibuke, igihe urwo rubyaro rwa cyami rwo kwizera, Mwibuke, ntabwo rwari ikigore, rwari ikigabo. Rwari ikigabo; isezerano ryari ryasohoye. Mwitegereze, isekurume y'intama, we, we, kugira ngo ahure n'Ijambo. We ni Ijambo, iyo sekurume, ntabwo yari ikigore; habanje gutambwa, mwibuke, Itangiriro 15. Iyo y'ikigore, yari uwambere kugwa. Nuko afata isekurume y'intama. Isekurume y'intama niyo yari iya nyuma. Yo, Isekurume y'intama, Ijambo ryatanzwe. Atari ihene y'ikigore, idini, itorero (Murabona?), atari iy'ikigore, itorero, ahubwo ikigabo, isekurume y'intama. Amena.

75 Iyo niyo mpamvu Yavutse mu kwa kane, ntabwo ari mu kwa cumi n'abiri nkuko kiliziya y'i Roma yabishyize ku munsi mukuru w' imana zuba, kandi yabishyize kuri We aho ku italiki makumyabiri n'eshanu z'ukwa cumi n'abiri, igihe imyiyereko yaberaga. Uramutse ufashe maze ukiga amateka y'itorero noneho wasobanukirwa ko aribo babizamuye aho kugira ngo babigire... Yari isabukuru y'imana zuba, imikorere y'izuba, aho riba rimeze nk'iritarimo kugenda. Nta mpinduka kuri ryo mu minsi itanu guhere ku itariki ya makumyabiri kugeza kuri makumyabiri n'eshanu.

Yavutse kimwe n'abandi bana b'intama. Yavutse mu gihe cyiza. Kandi yagomba kuvukira munsi y'ikimenyetso cy'isekurume y'intama, kubera ko Yari isekurume y'intama. Yavutse munsi y'iyo sekurume y'intama. Icyo nicyo Yaricyo. Yari isekurume y'intama y'Imana. Uwo ni We hajuru hariya wafashe umwanya wa Isaka. amena. Ese ntabwo mubibona?

76 Ngaho aho biri, byarerekanywe hano mu buryo bugaragara, urubyaro rw'umugeni ntabwo ruzahamagarwa n'umugore, itorero, idini mugore rifite igitambo. Oya, ahubwo ni Umugabo, Ijambo rigaragajwe ry'Umwana w'intama, kubera ko We ari Ijambo ndetse n'isekurume y'intama... Ntabwo azahamagarwa, Yaravuze, ntabwo azitwa izina ry'umugeni, ahubwo azitwa Izina Rye, azatwara Izina Rye. Oh, mbega. Ni iki kibateye ubwoba kuri ibyo noneho? Umunyamahanga azatwara Izina Rye, Isekurume y'Intama, atari izina ry'umugore, itorero; atari umugore, ahubwo We. Halleluya.

77 Urubyaro rwa cyami rwakwiriye kubibona. Ese ntimushobora kubona Malaki 4 irimo isohora, kugara kwizera k'umwimerere; Ijambo ry'Imana? Nyakuri mwe bantu mushobora kubona ibyo. Ntabwo ari ngombwa kubyerura. Reka ririya dini rigende, bagabo. Mugaruke kuri rya Jambo. Kandi ijwi ry'iminsi yanyu, n'ikimenyetso cy'iminsi yanyuma, kwari ukugarura abantu ku kwizera k'umwimerere. Malaki 4 niko yavuze. Kugaruka ku Ijambo, kandi We yari Ijambo; atari umugore; We. Amena. Izina ry'Umwami Yesu...

78 Ijambo rihamirijwe ubu kubw'isezerano… Ijambo ryasezeranijwe muri Yohana 14:12, "Imirimo nkora namwe muzayikora." Malaki 4, icyo kintu kimwe Yavuze hariya… Kimwe na Luka 17 bitubwira ko mu minsi ya nyuma kugaragara kw'isi kuzaba gukoze mu buryo bumeze neza neza nkuko byari bimeze mu minsi ya

Sodomu, kandi Imana izamanuka yigaragaze mu mubiri w'umuntu ndetse Izamenya amabanga y'umutima. Yesu yavuze icyo kintu ko kizaba mu minsi igihe Umwana w'umuntu azahishurwa ku iherezo ry'isi.

Murabona, ntabwo ari itorero, "Iyunge kuri ibi, wiyunge kuri biriya." Bizaza kuri We. Icyo nicyo urubyaro rw'Abaraham rwari rufite hariya nk'igitambo cyatambwe. Aho kuba urwo rubyaro rwe rufatika, ahubwo ni kubw'urubyaro rw'umwuka (Amena.), urwo rubyaro rwa cyami, urubyaro rw'umwamikazi. Amena. Oh, niba mushobora kubona ibyo. Mwibuke, ese ni ibiki? Ni umubiri n'umwuka birimo kwiyunga, bihinduka umwe.

79 Mwitegereze. Muri Matayo, ibice 3, hano hari umubiri, Umwana w'Imana wabyawe n'isugi, asohoka aho mu mugi, asohoka aho asanga Yohana Umubatiza. Kandi nguwo aho yari ahagaze mu mazi. Bibiliya ivuga ko Ijambo ry'Uwiteka igihe cyose riza ku muhanuzi. Ese ibyo ni ukuri? Kandi Yohana yari umuhanuzi. Ntabwo bari barigeze umuhanuzi mu myaka magana, ariko nguyu hano, umuhanuzi, ahagaze aho. Kandi yarimo ahanura ko Yesu aje. Yari yarabaye hanze mu butayu, kadn abwirwa ko azabona ikimenyetso. Imana imubwira ko icyo kimenyetso kizaba gikurikiye Mesiya igihe Azaza.

Aravuga ati, "Ahagaze hagati yanyu ahantu runaka ubu. Hari Umwe hagati muri mwe Uwo inkweto ze ntabwo nkwiriye kuba nazihambura. Azagaragara umwe muri iyi minsi. Kandi igihe Azabikora, noneho nzacishwa bugufi, Ashyirwe hejuru." Byaje kuba ko areba maze abona icyo kimenyetso. Aravuga ati, ""Hano nguyu Araje noneho. Dore Ntama w'Imana Uwo ukuraho icyaha cy'isi.

80 Uwo mubwiriza wa kera Umubatiza, dogiteri Davis, uwo wambatije mu busabane bw'itorero ry'Ababatista yabigiyeho impaka nanjye igihe kimwe. Aravuga ati, "Uzi icyabaye hariya, Billy?"

Kandi ndavuga nti, "Oya, ntabwo mbizi, Dogiteri."

Aravuga ati, "Hano hari icyabaye. Yohana ntabwo yigeze abatizwa." Ati, "Yohana yabatije Yesu, maze noneho Yesu arahindukira aho maze abatiza Yohana."

Ndavuga nti, "Ibyo ntabwo mbizi." Nkomeza kubisengera. Ijoro rimwe ndi mu iyerekwa, hano haza ibyaribyo. Murabona? Ntabwo yigeze… Ntabwo yigeze…Yesu ntabwo yigeze abatiza yohana. Ariko mwitegereze. Yaravuze ati, "Nkeneye kubatizwa na We, noneho kubera iki Uje kuri njye?"

Yesu aravuga ati, "Reka tubikore gutyo."

81 Bitegereze nayo maso abiri, abo bantu babiri b'ingenzi ku isi. Aho hari Imana. Hano hari umuhanuzi Wayo. Kandi Ijambo riza ku muhanuzi. Niba Ijambo mu mubiri, Rizajya ku muhanuzi. Aho Ryaba riri hose, Rizajya ku muhanuzi. Niko bigomba kugeza. Uko niko Bibiliya ivuga. Oya. Noneho nguyu hano araje... E69 Yari Ijambo. Mu itangira ry'ibintu yari Ijambo. Kandi Ijambo ryari ryambaye umubiri maze ritura hagati muri twe. Maze hano haza Ijambo risanga umuhanuzi, aho hanze mu mazi kugira risohoze kandi rihamirize ubuhanuzi bwe. Amena. Nguyu hano Yarahagaze aho. Kandi aho ayo maso abira arahura rimwe ku rindi; umwe umuhanuzi, naho Undi Ijambo. Kandi Yohana, yicisha bugufi imbere Ye, aravuga ati, "Ndashaka kubatizwa na We, none kubera iki Uje kuri njye?"

Aravuga ati, "Reka bibe gutyo, kubera ko ibyo aribyo ngombwa kuri twe (nibo bidukwiriye… Murabona? Bigomba) kugira ngo dusohoze gukiranuka kose." Yohana kubwo kuba umuhanuzi kandi akaba azi iryo Jambo, kubera ijambo ryaje kuri we; yarabizi ko Iryo ryari igitambo. kandi mu bikurikije amategeko igitambo cyagombaga kozwa mbere y'uko cyerekanwa. Ibyo ni ukuri neza neza. Yabatije Yesu kubera ko Yaragiye kuba Igitambo. Mbere y'uko Ashobora kujya aho muri rubanda Yagomba kubatizwa, kubera ko igitambo kigomba kozwa mbere yo kwerekanwa. Amena. Aramubatiza. Kandi igihe abikoze, Asohoka inzira yose ava mu mazi, maze yohana arebye hejuru nuko abona Umwuka w'Imana usa n'inuma; maze ijwi rituruka muri wo riravuga riti, "Uyu ni Umwana Wanjye nkunda, ni muri We Nishimira gutura." Imana n'umuntu bahinduka umwe.

82 Adamu na Eva bari umwe mu itangiriro, kandi igihe Batandukanye ahita agwa, kubera ko Ijambo; yanyuze iruhande Ijambo. Aragwa. Uko niko buri gisekuru cy'itorero cyaguye kubw'impamvu yo gusobanura nabi Ijambo, bemerera uwo musobanuzi ibyo… Satani yasobanuriye Eva. "Oh, nyakuri ibyo ntabwo byaba ari byo... Nyakuri ni ibi, nyakuri ibi ntibishobora kuba... Ibi ntibishoboka... Oh, yego, ndabizi. Nyakuri..."

Ariko niba Imana ari uko yavuze, ibyo bibigira gutyo; ese ibyo ntibikwiriye aho. Ugomba kuvuga ubwa kabiri. Ukwiriye kwakira Umwuka Wera, ugakora ibyo, cyangwa ukarimbuka.

83 Mumwitegereze, hano We.. Nguyu hano Aje, kandi Yesu n'Imana bahinduka Umwe. Bariyunga. Kimwe no muri Edeni aho ngaho… Adamu na Eva aho bari, mu itangiriro, uwo mwuka umwe. Amazina yabo yiswe Adamu. Murabona? Yari byombi Adamu na Eva icyarimwe. Knadi igihe babatandukanije kugira ngo bajye kubapima, ni iki cyabaye? Eva yaraguye ageze ku Ijambo; iryo ryari Ijambo. Adamu aramukurikira kugira ngo ajye ku mucungura, ariko ntabwo yashoboraga kubigeraho. Ntabwo yari akwiriye kuba yamucungura. Noneho aho haza Adamu wa kabiri kugira ngo acungure itorero, aribyo byari mu gishushanyo cy'urugero.

84 Noneho, neza neza nkuko Adamu na Eva bagombaga kuba umwuka umwe, Kristo n'itorero bagombaga kuba Umwuka umwe, umurimo umwe; "Ibintu nkora namwe muzabikora." Murabona icyo nshaka kuvuga? Bagombaga kwiyunga. Umubiri n'amaraso n'Imana byagombaga kujya hamwe maze bikaba Umwuka umwe. Kandi Yesu Kristo n'itorero Rye ni Umwuka umwe. E-72 Ni gute itorero rihakana iremwa? Ni gute itorero ryahakana ikintu Kristo yababwiye gukora? Ni gute twe twabihakana, maze noneho tukavuga ko turi Abakristo? "Nimuguma muri Njye kandi amagambo Yanjye akaguma muri mwe, musabe icyo mushaka; muzagihabwa. Ndi Umuzabibu; muri amashami." Kandi ubuzima buri mu muzabibu bujya mu mashami kugira ngo bwere imbuto; kwera imbuto. Kandi buri shami iryo ritera imbuto riracibwa.

Ubwo nibwo buryo amadini, niko bacibwa, bafata Ijambo bakarivanga, maze bagahita bakurwaho gutyo. Kandi umwe agatangira, umwe agafata iyi nzira naho undi agafata iriya. Kandi ikintu cya mbre murazi ayo mashami make mato y'itsinda rya ba Ricky akinjira, maze bakazana ibitekerezo byabo muri byo. Nuko ikintu cya mbere murazi bagahinduka igihiriri kinini cya Babiloni. Ayanganyaho. Nta dini na rimwe ryigeze rihaguruka ngo rireke kugwa. Kandi buri ryose ryaguye ntabwo ryigeze ryongera guhaguruka indi nshuro. [Umwanya uriho ubusa kuri kasete—Ed.] Izafata umuntu uturutse ahandi hantu, maze imuzane muburyo bwuzuye. Ibyo ni ukuri neza neza.

85 Mwitegereze ibi noneho. Bagombaga kuba umwe. Yesu yaravuze noneho, Ubuzima bwari muri We buzaba no mu itorero Rye. Kandi hano nyakuri neza neza icyo Yasezeranye mu minsi yanyuma, ubwo nibwo buzima bwari muri Kristo, ubwo bwari… buzagaragazwa mu minsi isi izaba iri mu mimerere ya Sodomu, nkuko imeze ubu. Ese ntimushobora kubibona, mwene Data, mushiki Wacu? Ese bimaze iki kwiyunga ku itorero niba mudafite Kristo mu buzima bwanyu, kandi Kristo yigaragaze mu buzima bwawe. Murabona? Niko byari biri. "Ibi bimenyetso bizaherekeza abizeye." Yavuze ibyo. Ni gute ushobora kuvuga ibyo... Niba atari uko biri, ni gute ushobora guhamya ko uri uwa Kristo?

Muravuga muti, "Mwene Data Branham, ni gute utekereza ko ushobora kubigeraho hamwe n'abantu b'iminsi y'abanyabwenge, mu gihe buri kintu cyahindutse idini?"

86 Nabajije umugore ntabwo hashize igihe nti, "Ese uri Umukristo"; twar mu bitaro. Aravuga ati, "Kugira ngo ubyumve neza cana buji buri joro." Ibintu nk'ibyo ntacyo bifite gukorana n'Ubukristo.

Ndamubaza… Nari ngiye gusengera undi mugore, kandi uwo mubyeyi yari aryamye aho arwaye, we n'umuhungu we. Maze aravuga ati… injira. Ndavuga nti, "Mugore, ese wowe… yego, nzi uwo uri we. Uri Mrs. Oliver"

Aravuga ati, "Yego, Mwene Branham." Aravuga ati, "Nararwaye cyane, Mwene Data Branham. Muganga ntabwo abasha kubona ikibazo mfite. Ese wansengera? Iyo niyo mpamvu nabahamagaye."

Ndavuga nti, "Rero, ni ukuri, Mushiki wacu Oliver." Ndavuga nti, "Ese hari ikibazo uramutse wubitse umutwe..."

Aravuga ati, "Buretse gato. Mushyireho iriya rido."

Maze ndavuga nti, "Rero, nta kibazo." Ndavuga nti, "Naringiye gusenga gusa. Ese uri Umukristo?"

Aravuga ati, "Turi Abametodiste."

"Rero," Ndavuga nti, "Icyo ntabwo ari cyo mbajije. Ndakubaza niba warigeze uba Umukristo."

Aravuga ati, "Shyiraho iyo rido." Murabona? Ubwo nibwo buryo ari hantu hafunganye… Ni gute umuntu ashobora kuba gutyo… Uko kwijima no kwirabura, ayo matandukaniro y'amadini agatumba bakurwa ku migisha y'Imana. Ibyo bibaho mu madini yose. Uko ni ukuri. Mwene Data, ntukajye ku idini; njya ku Mugabo. Ntugatware izina ry'idini; twara Izina ry'Umugabo. Utware Izina Rye.

87 Muravuga muti, "Mwene Data Branham, Ni gute ugiye kubigeraho muri iki gihe? Ni gute uzabigenza?"

Yatanze isezerano ko Azabikora. Aravuga ati, "Ntimutinye, mukumbi muto. Ni ibinejeje So kubaha Ubwami." Ni gute Agiye kubikora? Aracyari Yehova Yire. Aracyari Yehova Yire. Imana ishobora kwirongera Ubwayo itorero. Ishoboye guhagurutsa muri aya mabuye abana b'Abrahamu. Ibyo ni ukuri, We ni Yehova Yire.

Aravuga ati, "Ese ibyo byakora?" Ibyo… ni Ukuri. Imana yarabisezeranye. "Mutekereza ko muzabigeraho?" Ntabwo nabishobora, ariko We Azabikora. Ntabwo ari inshingano zanjye zo kumutera kubikora. Njye inshingano zanjye ni ukubibwiriza. Ni inshingano Ze kubihamiriza; uwo ni We. Niba nshyigikiye ukuri, Azabishyigikira. Yarabihamirije, kandi Azabikora. Muravuga muti, "Ni umwijima uteye ubwoba." Yego, ndabizi ko ari umwijima uteye ubwoba, kandi aba bihaye Imana bose bagiye muri iri shyirahamwe rikomeye kugira ngo bajye kubagwa. Oh... "Ese ibyo ni iki ugiye kubikoraho?" Ibyo binyibutsa inkuru nto. Nshobora kuvuga ibi, mbere y'uko nsoza.

88 Hariya hepfo muri Carlsbad, New Mexico, hano bari bafite ubwo buvumo bunini aho, murazi, aho

washoboraga kugenda munsi nk'ikirometero n'igice, munsi muri ibyo.. Ntabwo nari narigeze mpura n'ikintu nk'icyo. Igihe cyose aho mu butaka haba harimo izo fuku. Maze tujyamo aho munsi. Oh, byari bigeze nka saa sita z'ijoro aho munsi. Kandi hari abakobwa bato bahagaze, oh, bato nka bariya bari hariya. Kandi uwo musaza wabo muto nawe yari ahagaze ahagana hano kuri uru ruhande, hamwe n'uwo muguide ariwe warimo abayobora aho munsi.

Noneho bari bahagaze aho muri aha hantu hijimye, kandi aho… Hari hari itara noneho. Bari bacanye amatara yose. Maze uyu mugabo, akanya gato… Uwo muguide yegera aho ku itara. Noneho uyu muhungu yarimo ajyana nawe, yitegereza uwo muguide. Noneho uwo muguide afata aho, ako kari ako katsa itara, maze ahita azimya amatara. Oh, mbega. Muvuga umwijima. Aho mu kirometero n'igice munsi y'ubutaka, murazi, hari hijimye cyane kuburyo utashoboraga kuzunguza ukuboko kwawe, ntacyo washoboraga kubona.

89 Maze uwo mukobwa muto yarimo asakuza cyane kuburyo bwose bushoboka. Asimbagurika hejuru no hasi, asakuza, asakuza cyane kuburyo ashoboye… Kandi aho hose bose barasakuzaga, uwo muhungu muto, yari ahagaze aho ku ruhande urmwe, aravuga ati, "Oh, mushiki wanjye muto. Oh, mushiki wanjye muto."

Aravuga ati, "Ese ni iki ushaka, musaza wanjye muto?"

Aravuga ati, "Ntugire ubwoba. Hari umuntu hano ushobora gucana amatara."

Hari Umuntu hano uwo ushobora gucana itara. Uwo… Uwo Yehova Yire. Murabona? Hari Umuntu hano uri hagati muri mwe uyu mugoroba, Umwuka Wera; Ashobora kwatsa amatara. We ni Ijambo; Umugabo hano ushobora kwatsa itara. Ntabwo nzi uburyo Azabikora. Ntabwo ari ibyanjye kubimenya. Ariko azi uburyo bwo kuryatsa. Yatanze isezerano. Yararitanze hariya hejuru... Igihe Abraham yari afite icyuma hejuru y'umuhogo w'umuhungu we, Yakije itara. Yego, Ashobora kongera gucana itara uyu mugoroba. Reka twubike imitwe yacu umunota umwe.

90 Imana idufashe, kugira ngo Ibashe kwatsa ako kantu gato ko kwatsa itara mu mutima wawe. Nshuti, iki cyumweru muzabona Umwuka Wera ukomeye hagati muri mwe. Nta kibazo gihari kuri ibyo. Ariko, oh, reka iryo Tara rito ryake uyu mugoroba. Ntibibacike, mwene Data, mushiki wacu. Ndatekereza ko ibyo ari kimwe n'iki cyigisho gito hano cy'Abraham wahamirijwe, ni ukubihuza gusa aha inyuma n'imbere uhereye mu Itangiriro ukageza mu Byahishuwe byahamije isaha turi kubamo iyo ariyo. Kristo wanzwe mu gihugu cyacu indi nshuro. Imitingito mu bice bitandukanye, Sodomu na Gomora, itorero riri mu mimerere yaryo, neza neza birimo gukora ishusho y'inyamaswa. Ibi bintu byose birimo kuba nkuko Bibiliya yavuze. Kandi mwe bantu ibyo murabizi. Murabona?

91 Noneho, hatariho iyi myitozo ikomeye hamwe na Kristo… Niba Ubuzima bwari muri Kristo buje muri wowe… Noneho, irebe ubwawe mu ndorerwamo y'Imana, kandi urebe niba washobora kwimenya ubwawe uyu mugoroba. Iyo ujya kuba wariho mu minsi ya Nowa mu gihe cy'umwuzure, ese ni uruhe ruhande wari guhereramo? Iyo ujya kuba warabagaho mu minsi ya Mose, ese ni uruhe ruhande wajyaga kujyamo? Iyo ujya kuba mu minsi ya Kristo, igihe amatorero yose yarimo amurwanya... Yagumye Ahagaze Wenyine aho n'ibintu Yakoze. Ikintu kimwe Cyonyine Cyari Kumwe na We Yari Imana; nicyo Kintu Cyonyine. Habe n'abigishwa be bose, hafi, bose baramutaye. Ariko ni uruhe ruhande, mu mimerere yawe urimo none, ese nihe... ni uruhe ruhande wari kubamo? Ese ni uruhe ruhande ugiye kubamo, aka kanya, igihe wongeye kumubona, aha hagati muri twe nanone?

Noneho, We ari hano. Ashobora kwatsa itara mu mutima wawe, kandi akuzuza ubuzima bwawe Umwuka Wera. Ni bangahe hano ubu, hamwe n'imitwe yanyu yubitse n'imitima yanyu nayo ibe isenga hamwe nanjye akanya gato?

92 Noneho, Data wo mu ijuru, tuziko Utajya upfa kuza aho kugira ngo ukore ibintu kubwo kwerekana gusa ko Ushoboye kubikora. Ubikora kubera impamvu. Kandi, Mwami, iki cyumweru numvishe nyobowe gutegereza kugeza kuri uyu munota nyirizina, kugira ngo babanze kubona ko ari Ijambo rihamirijwe. Ni ibirenze ikibazo icyo aricyo cyose ubu. Kandi uyu muco, Abraham, igihe imico yose yo muri Bibiliya yari izirikiwe hamwe kuri uwo, noneho tubasha kubona aho turi ubu...

Data, hamwe n'amagambo acagaguritse, ariko niyo meza nashobora kugira… Ndasenze kugira ngo Umwuka Wera ukomeye uri hano, uwo uzi ibanga rya buri mutima, ari buvugane n'uwo mutima aka kanya. Bikore, Mwami. Vugana n'uwo utaribujyanwe iyo uba uribuze uyu mugoroba. Iyo umuryango ujya kuba ukinzwe uyu mugoroba, cyangwa niba bari bupfe bari munzira bataha, cyangwa bakagongwa n'imodoka maze bagapfa, cyangwa bagapfa hanyuma bakaza gusangwa bapfuye mu buriri mu gitondo, kandibakaba batarakizwa. O, Mana, ntiwemere ko hari n'umwe muri bo ugenda muri ubwo buryo.

Niba bariyunze ku itorero, Mwami, reka be kugira isoni zo gutera intambwe maze ngo basabe Imana kugira ngo ibuzuze Umwuka Wayo, Kugira ngo Ubuzima Bwayo buze muri bo. Niba batarabashije gusobanukirwa ibi bintu, habe n'intumwa byari uko. Ariko barakomeje kugeza ubwo Umwuka Wera

yasutswe. Hanyuma barabyumva maze bandika Bibiliya. Ndasenga, Data, noneho, kugira ngo uvugane na buri mutima, kandi reka bamenye Umuntu ushobora kwatsa Itara ari aho ku rugi rw'umutima wabol

93 Hamwe n'imitwe yacu yubitse, ni bangahe hano bashobora kuba abanyakuri cyane, maze bakavuga bati, "Mwene Data Branham, Njye… ndabizi ko ntatunganiye Imana." Ndashaka… Ndashaka ko uzamura ukuboko kwawe. Mukomeze mwunabishe imitwe yanyu, buri muntu, ariko muzamure ikiganza. "Ntabwo ntunganiye Imana." Imana ibahe umugisha. Imana ibahe umugisha. Yego. "Njye..." Ibiganza... "Ndabizi ko ntatunganiye Imana" Murabona, icyo ndimo ngerageza gukora? Gushaka imbabazi ku Mana kubw'aya materaniro akomeye yo gukiza indwara ejo. Ndamutse ngiriwe ubuntu, ntabwo nibwira ko hari ikintu cyasigara byose Imana yabikiza, ndamutse mbashije kugeza abantu aho bizera.

94 Noneho, mwe mudafite umubatizo w'Umwuka Wera… Kandi murabizi ko ari Amavuta. Uramutse udafite amavuta mu itabaza, abo ntibazinjira. Kandi mwigeze mwumva igihe nk'icyo mu binyamakuru aho Abapresbyterians, Abaluteri… Murebe mu kinyamakuru cy'Abacuruzi b'Abakristo; Abaluteri, Abapresbyeteriani, yewe n'Abagaturika, barimo gushaka umubatizo w'Umwuka Wera ari amagana. Kandi ndibaza niba bariya Bacuruzi bashyigikira Ubutumwa Bwiza bwuzuye basobanukiwe ko batazawubona.

95 Bibiliya iravuga iti, igihe baje, baravuze bati, "Muduhe ku mavuta yanyu." Baravuga bati... umwari usinziriye, bamenye ko bari bafite icyo gihe cyose kugira ngo bashake amavuta, ariko ntabwo bigeze babikora. Noneho igihe umukwe yari ageze ku muryango, baravuga bati, "Muduhe ku mavuta yanyu."

Baravuga bati, "Dufite aduhagije gusa ubwacu. Mugende mugure aho mu bahanjuzi." Kandi igihe bari bagiye nibwo umukwe yaje, maze umugeni arinjira. Maze bajugunywa hanze mu mwijima, mu gukanguka basanze izamurwa ryabaye kandi bari basigaye, aho niho bazarira kandi bakahaborogera... Igihe cy'akarengane... no guhekenya amenye

Mwene Data, Mushiki wacu, uyu mugoroba, nshuti, niba mudafite Umwuka Wera, ese… cyangwa mukaba muhamirijwe bihagije ko mukwiriye kumugira, ese wazamura ikiganza cyawe, ukavuga uti, "Munsengere, Mwene Data Branham. Nizeye ko turi Imbere y'Imana. Munsengere. Ntabwo mfite Umwuka Wera." Imana ibahe umugisha. Noneho mwitegereze ibiganza ahantu hose. Noneho murawushaka?

96 Noneho, ndabizi, kuri mwe Abametodiste, n'Ababatista, n'abandi, hari ugukundirira kwinshi gukurikira buri butumwa. Noneho, kuri mwe Baluteri, Narimo nsoma amateka ya Martin Luteri, kimwe mu bitabo bye byanditswe kuri we hano ntabwo hashize igihe. Bavuga ko bitari ibintu bitangaje kuba Martin Luteri yarabashije kurwanya kiliziya Gaturika kandi akabigeraho, ahubwo kuba yarabaje gusumba uko gukundirira kose kwaje gukurikiye ububyutse bwe. Kandi ibyo biragenda... Hari igihiriri cy'ikivange kuri buri bubyutse. Ibyo murabizi. Ariko noneho mwibuke, ibyo gusa bigaragaza ko hari ikintu cy'ukuri.

Igihe ubonye idorari cy'irihimbano, haba hari umuntu warikoze nkuko bajya bibikora, mukwiriye kwibuka gusa ubwo ko hari iry'umwimerere bahereyeho bigana. Niba atari ko biri, ubwo iryo niryo ryaba ari iry'umwimerere.

97 Murabona? Noneho murabizi ko iryo ridashobora kuba umwimerere. Kandi iryo ry'umwimerere ni Yesu Kristo w'ukuri, Uwo Umwe uri hano Uzi buri banga ry'umutima wawe aka kanya.

Noneho ngiye kugusaba , niba umubona, kandi ukaba wumva ubu butumwabw'ibi bintu byose by'abakize indwara, n'uburyo imitima y'abantu yagiye imenyeshwa muri iki cyumweru, kandi wowe... Uwo ni We uri kuvugana na we. Uwo ni We. Ndibaza niba mwizera ko njye mbasengeye byabafasha?

Mwibuke Umwuka Wera yatanzwe ubwo barambikwagaho ibiganza. Petero, nyuma Filipo yamanutse I Samariya maze abatiza abo bantu bose aho hepfo mu Izina rya Yesu Kristo, nyamara Petero aramanuka maze abarambikaho ibiganza nuko Umwuka Wera abazaho. Murabona?

Noneho, niba mwizera muri byo, ndibaza niba mushobora kuzamuka ahangaha, buri wese muri mwe utari wakizwa cyangwa udafite Umwuka Wera, ese ushobora kuza hano maze ugahagarara hano akanya gato, munyemerere mbasengere. Niba waje uturutse mu mahanga, aho waba uri hose, hagarara hano. Zamuka hano gusa maze unyemerere... Reka nsenge hamwe na we akanya gato. Imana ibahe umugisha.

98 Noneho, reka buri muntu aririmbe aka kanya. "Hafi kwemezwa " Niba ushobora, Mushiki wacu Downing, niba ubishobora. Nta kibazo. Ese ntimwaza ahagana hano, bene Data. Imana ibahe umugisha, bene Data. Buri muntu noneho atuje, asenga. Ibi bishobora kuba ari igihe kidasanzwe. Bishobora gusobanura itandukaniro hagati y'urupfu n'ubuzima kuri benshi, abantu benshi. Ese mwese mwabaye hano muri iki cyumweru? Ese mwabonye Umwuka Wera, icyo Yakoze muri iki cyumweru hagati mu bantu?

…kandi Kristo kugira ngo umwakire;

Bigaragara ubu ko ubugingo bumwe…

Ese ntiwaza, udafite Imana, udafite Umwuka Wera? Ushobora kuvuga uti, "Mbarizwa mu itorero, Mwene Data Branham" Ibyo n'iki… ntabwo ari ibyo ndimo kuvuga. Ndashaka kukubaza niba warigeze

wuzura Umwuka w'Imana? Ntabwo uzigera ubona umunsi mwiza ukwiriye kuruta uyu nonaha, igihe Yesu Kristo yigaragaje hagati muri twe.

… kuri Wowe…

Byagenda bite uramutse upfuye mbere y'uko buka, kandi noneho ukaba utagishobora guhamagara? Ese ntiwaza ubu mu gihe Arimo Ahamagara?

Hafi kwemezwa…

Uko ni ukuri, mukomeze muze, aho hasi.

… bose baje uyu munsi;

"Hafi kwemezwa…" Ntuhindukire…

Ese ntabwo waza aka kanya? Ndabizi… Hari ikintu mu mutima wanjye kimbwira ko hari umuntu usigaye inyuma. Ntusigare, mwene Data, ntubikore.

… Abamarayika barimo baragenda genda aha hafi;

Amasengesho avuye mu mutima w'umukundwa;

O wowe uzerera… (ni ukuri...)

99 Mwumve nshuti, ese mwizeye ko Umwuka Wera yahamije muri iki cyumweru ko avugira hano? Reka turebe ibiganza byanyu. Aho hagombye kuba nk'aba benshi cyangwa barenzeho. Ndimo kwiyumvamo uko kwiyumva. Murabona, We siko ari… Nyamara hari ikintu kitagenda. Byaba byiza uje. Mwibuke, sinshobora kuguhatira kuza mu buryo bunyuranye n'ubushake bwawe, ariko nizera ko iki gishobora kuba aricyo gihe bose bari bategereje, bishobora kuba birimo kwitegura kuba nonaha.

Kandi ibi bishobora kuba; ndibwira ko atari uko biri. Bishobora kuba aricyo gihe cyanyuma ushobora kuba uhamagawe. Mwibuke, igihe cyose Ntazahora aruhanya. Azahamagara, amaherezo Azahindukira akuveho, ntiyongere kugaruka ukundi. Kubera iki utaza nonaha? Ese ntiwazamuka hano maze ngo wigaragaze imbere y'Imana? Uvuge uti, "Nje guhagarara. Ndafata inzira. Ntabwo binteye isoni. Mbarizwa mu itorero. Ariko ndashaka ko isi yose imenya ko niteguye kwakira Kristo mu mutima wanjye, Umwuka Wera. Ndaje ubu kugira ngo mbikore ubu. Niteguye kubitunganya, nkaba Umukristo w'ukuri, umubyeyi w'ukuri, umugabo w'ukuri." Ese ntiwaza? Turategereje.

Ngwino hano hasi; uko ni ukuri. Manuka aho mu nzu yo hejuru no hagati y'intebe, umanuke. Ufate umwanya wawe.

100 Nshuti, nshobora kutazongera kukubona ku ruruhande rw'igihe gikomeye. Ariko nintongera, wibuke, nzaba ndi intungane ubu. Uko ni ko Kristo ari. We arigaragaza ubwe muri wowe. Uzamubona We akora icyo kintu kimwe mu kanya gato. Niko biri, Ubu, mumanuke, mufate umwanya wanyu. "Kubera iki" Mwavuga muti, "Mwene Data Branham, urimo guca urubanza."

Oya, ntabwo aribyo. Ndimo ndacira urubanza uku kwiyumva kuri muri njye. Murabona? Hari ikintu mo hano kivuga kiti, "Oh, hari n'abandi. Hari n'abandi benshi." Murabona?

Noneho, muravuga muti, "Rero, njye… niyunze ku itorero, Mwene Data Branham. Ndi Umupantekote; Njye… ntabwo ndi..."

Ibyo ntabwo aribyo ndimo kuvuga, nshuti. Ntabwo ndimo kubaza ibyo habe na gato. Ndimo ndabaza nti, "Ese ufite Ubuzima bwa Kristo mu imbere?"

Wavuga uti, "Mwene Data Branham, navuze mu ndimi." Ibyo ni byiza, ariko nabwo ntabwo ari ibyerekeye ibyo ndimo kubaza. Muravuga muti, "Mwene Data Branham, nta muntu nigeze mpemukira." Ibyo nabyo ntabwo aribyo ndimo kubaza. Ese Ubuzima bwa Kristo buri muri wowe? Ntutakaze aya mahirwe, nshuti. Ntubikore, ntubikore, ntubikore, ukore ibyo. bigiye kuba... Igihe wowe... igihe urupfu rugukubise, ubwo uba wakerewe. Ntubikore. Ndakwinginze ntubikore.

101 Noneho, dufite benshi hano aka kanya, ndibukenere undi mwanya w'abandi benshi. Ngiye gusengera abangaba, kandi noneho… Dushobora kwinjira, tukinjira mu cyumba aho, noneho dushobora kuza maze tukarambika ibiganza kuri bo kugira ngo bakire Umwuka Wera. Kandi noneho tugiye gusenga aka kanye kuri aba. Mwubike imitwe yanyu akanya gato.

Data wo mu ijuru, hano hari aba bubitse imitwe hano. Ni abagabo n'abagore; ni abantu bakomoka mu iteka. Bo… bagomba kugenda; ibyo turabizi. Kandi tubona ko umutingito, n'isi mu gihagararo irimo ubu, kandi tubona Kristo aza kuri twe kandi Agakora ibintu nk'ibyo Arimo gukora, no kureba ubutumwa, Ijambo, ririmo risohoka. Kandi noneho kumubona We aza aho inyuma yabyo maze agahamiriza ko ari ukuri, no

kumenya buri banga ry'umutima. Kandi aba bantu ubu baje hano imbere kugira ngo bahagarare. Ntabwo bashobora kuba bakoze ibi kubwabo. Baje kubera ko bari bayobowe kuza.

102 Kandi, Data, nkuzaniye igitambo cy'amasengesho kubwabo ahangaha, atari gusa kubw'agakiza kabo kugira ngo bakizwe, ahubwo kugira ngo buzure Umwuka Wera. Biduhe, Mwami.

Reka buri wese uhagaze hano yuzuzwe Umwuka, kandi reka guhera hano huzure ububyutse muri iki gihugu ubwo buzanyeganyeza aba bantu ndetse n'iki gihugu cyose aha hose. Biduhe, Mwami. Kandi buri torero, mu Bametodiste, Ababatista, Abapresbyteriani, Church of Christ, Abaluteri, abo baba baribo bose, reka aho haze ububyutse, Mwami, kubw'aba bantu bagiye gusubirayo hamwe n'Umwuka Wera urimo ugaragaza Imana mu buzima bwabo. Biduhe, Data. Ni abawe ubu, kandi ndabakweguriye. Noneho, tugiye kubinjiza maze tubarambikeho ibiganza, Mwami, kugira ngo babashe kwakira Umwuka Wera. Mu Izina rya Yesu.

103 Noneho, mu gihe twe twese twubitse imitwe yacu, ndasaba iri tsinda noneho gukurikira uyu mugabo ahagana hano kuri uru ruhande, bityo kugira ngo nshobore… dushobora kubageraho inyuma hariya mucyumba. Dufite umwanya wanyu hano wo gupfukamamo. Turaje tubarambikeho ibiganza kugira ngo mwakire Umwuka Wera. Kandi niba murwaye, muraza gukira indwara, kandi icyo mwaba mukenye cyose. Ujye mo hariya uu, noneho turaje tubasangemo aho. Hari benshi bagomba kuzana namwe, hariya gato...Nta mwanya uhari wo guhagararamo. Tugiye kugira uku guhamagara inshuro ebyiri ubu. Mujye hano kuri ibi... aha kuri uru ruhande. Uko ni ukuri. Imana ibahe umugisha.

104 Noneho, abasigaye bose hano ubu, nkuko barimo gusohoka, ese ni kuki mutazamuka hano hejuru ka kanya nanone kubw'amasengesho. Kandi twuzuye aha hantu nanone ahagana hano ubu. Tugiyemo hariya kujya kwakira Umubatizo w'Umwuka Wera. Turinjiramo, nyuma yo kubona kugaragazwa k'Umwami Yesu hano imbere yacu muri iki cyumweru, kandi no kumenya birenze igicucu cyo gushidikanya ko ibyo ari We Urimo hano. Noneho, mwibuke, uwo Mwuka Wera umwe, uwo Yesu umwe ushobora kumbwira icyo ikibazo aba bantu bafite icyo aricyo, aho bari bari n'abo baribo, n'aho baturutse, n'ikigiye kuba kuri bo... Kandi murazi, ntabwo byigera bihusha na rimwe. Kandi ntabwo bizabaho; habe na rimwe; Uwo Mwuka Wera wambwiye gukora ibi. Uko ni ukuri. Ndimo kubikora kubwo kuyoborwa n'Umwuka Wera.

105 Noneho, mu gihe aba… ako kanya igihe iri tsinda riribusohoke muri iki cyuma kindi hano, mbere y'uko tujya hariya, turashaka ko muhita muza. Noneho, mwe hano, muze. Munyure muri iyi nzira. Noneho, abasigaye mwese hano abo bashaka umubatizo w'Umwuka, ese ntimwaza aka kanya? Munyure muri iyi nzira... Imana ibahe umugisha, mwe basore bato.

Kandi niba bamwe muri mwe murwaye, kand mukaba mutaruzura Umwuka Wera, ese ni kuki mutaza, ngo mwakire Kristo? Mumwakire, kandi noneho muraza guharara mugihagararo cyiza uyu mugoroba. Uyu mugore yakubiswe hasi… ntiyashoboraga… Yari munsi yo kwemezwa kuburyo atari bushobora kubyirengagiza. Barimo kumufasha hariya mu cyumba. Ngwino nonaha, wowe, ukurikiyeho kuri wowe hano noneho, hari benshi mu cyumba bahagaze ubu.

Muzamuke, mwe bakiri abagize itorero, Abametodiste, Ababatista. Ntabwo turimo kubasaba…

106 Mwumve, nshuti, ndabizi ko bavuga bati, "Abapantekote, bahinduye Pantekote idini." Ibyo ni ikinyoma. Pantekote ni umwitozo. Abametodiste barawubona; Ababatista barawubona; bose muri bo barawubona. Abapantekote ntabwo ari idini; ni imyitozo. Kandi niba mutarigeze mugira imyitozo ya Pantekote, ngwino, uyakire ubu.

Mwibuke, niba munyizera ko ndi umugaragu Wayo, umuhanuzi Wayo, mwibuke, hariho umubatizo w'Umwuka Wera w'umwimerere. Hagati aho muri uko gukundirira kose, haracyariho Umwuka Wera w'umwimerere, Umwe w'umwimerere w'Imana. Ngwino, ubyizere aka kanya.

107 Ese ntiwaza, mugihe turimo gusoma kimwe cyangwa bibiri mu bitero by'iyi ndirimbo, noneho nshobora kuba mpamirijwe neza ko ubugingo bwanjye butunganye. Igihe nzava muri uyu mugi ubu, amaraso ntabwo azaba andiho...

Ndabizi ko Arimo kuvugana n'abandi. Ese ni kuki utaza?

… Noneho kuza uyu munsi;

Imana iguhe umugisha, muhungu muto. Imana ibahe umugisha mwese, mwe muhagaze aho.

Mwese…

Ibyo ni ukuri, muze…

Kwemezwa…

Ngwino, uruhande urwo arirwo rwose rw'inyubako, hanze, imbere, mu nzu hejuru, aho ariho hose,

ngwino umanuke hano hasi ubu, umanuke hano hasi. Ufate umwanya wawe muri Kristo. Ntugire isoni Ze.

Iyo uba urimo gupfa… Byagenda bite wumvishe umutima wawe urimo gusimbuka aka kanya? Kandi wibuke, uwo Umwe urimo kuvugana nawe, Afashe umutima wawe mu kiganza Cye. Azi amabanga y'umutima wawe. Ndabivuga mu Izina ry'Uwiteka. Hari benshi hano bagomba kuza. Ese ni kuki mutaza? Muravuga mut, "Ese ni njye, Mwene Data Branham?" Yego, ni wowe. Niba utari mu murongo, ntibigucike.

… mukundwa;

Oh wowe nzererezi, ngwino.

"Hafi kwemezwa," mu isarura…

Uko ni ukuri, isarura riri hafi kurangira. Ngwino.

"Hafi..."

Umunsi umwe bizaba byakerewe. Ntutegereze indi saha, undi munota, haguruka maze uze. Musore, zana iyo nshuti yawe y'umukobwa. Zana uwo muhungu w'inshuti yawe. Mubyeyi, zana papa. Ngwino aka kanya, buri muntu, bagore bakiri bato, mugabo ukiri muto, uwo waba uri we wese, umusaza, umukecuru, ngwino. Ibi niko biri. Niba ushaje, wibuke icyo nakweretse nkoresheje Bibiliya. Ugiye guhindurwa, nuramuka wemeye Urubyaro rw'Abraham.

nta kindi uretse kunanirwa

Agahinda, agahinda, uko gutaka gukabije; "hafi, uretse… gukererwa."

Reka twubike imitwe yacu noneho.

108 Mwami Yesu, O Mana shaka muri buri mutima. Shaka muri buri wese, Mwuka Wera ukomeye. O Mana, reka bye kuba impfabusa habe no kumuntu umwe. Reka buri wese, buri umwe wese, Mwami, akizwe. Ntiwemere ko hari n'umwe ujya hanze, Mwami. Ndabisabye mu Izina ry'Umwami Yesu kubw'izi marigarita z'igiciro mu ikamba ry'Umwami wanjye, oh, Ari We Ufite kugaragara hano ubu, iyo Nkingi y'Umuriro ikomeye irimo kugendagenda aha muri iyi nyubako, ikubura mu mitima. Ndasenze, Mana, kugira ngo uwo mutima ukurweho iyo minyururu, kandi ihaguruke, kandi ize inezerwe kuri Yesu Kristo, ivuga iti, "Mwami, ibyo ndibyo byose, ndi hano. Ntwara kandi uncure, Mwami, muri iryo curiro ryawe rikomeye, kandi Unyuzuze, maze Ungire umuhungu n'umukobwa w'Imana." Ubiduhe, Mwami.

109 Reka ibi bibe gutyo mu gihe dukomeje kuririmba undi murongo urenzeho, ese Urabikora? Noneho bigiye kuba ngombwa ko dusoza, vuba vuba, kubera ko tugomba gusohoka hano kugira ngo tugere kubasigaye bo muri bo.

"Hafi kwemezwa,"…

Ngwino nonaha, ngwino aka kanya, ese nturi bubikore? Imana ibahe umugisha, mukundwa. Mu kanwa k'abana bato Yakiriye ishimwe.

Oh, "Hafi kwemezwa," Oh, ntuhunge ngo ujye kure;

Yesu…

Uwo ni We Urimo kugutumira, Avugana n'umutima wawe. "Ndibaza niba ari njye?" Niba hari agace gato ko gushidikanya, ngwino.

… barimo baragendagenda aho hafi,

Amasengesho aturuka mu mutima w'umukundwa;

O nzererezi, ngwino.

110 Reka twubike imitwe yacu ubu mu gihe turimo kwitegura. Noneho, nkuko muhagaze hano, noneho murebe hasi. Mwibuke mugomba kuza binyuze mu kintu runaka gisunika imbere muri mwe kibabwira ko hari ikintu gito kitagenda mu buzima bwanyu. Nakunze guhaguruka kwanyu. Mwibuke, Yesu yaravuze ati, "Nungirira isoni imbere y'abantu, Nanjye nzakugirira isoni imbere ya Data n'Abamalayika bera. Ariko uwo uzanyatura imbere y'abantu, uwo niwe Nzatura imbere ya Data n'Abamarayika bera."

Kandi noneho hari abantu bake hano inyuma ubu, biteguye kwiyunga kuri twe ubu mu masengesho, kugira ngo mukizwe kandi mwuzure Umwuka Wera. Mu mubwire gusa ko musabye imbabazi kubyo mwakoze, kandi ko mugiye kuba Abakristo guhera nonaha gukomeza kubw'ubuntu Bwe, kandi wowe ukaba ushaka umubatizo w'Umwuka Wera uwo ugiye kukuyobora aho hepfo mu rugendo rw'ubuzima.

111 Data wo mu ijuru, ni imarigarita nziza ku ikamba Ryawe. Ntabwo bari bushobore kuza… Ntabwo bari

bushobore kuza keretse ikintu kibaburiye. Kandi Waravuze uti, “Nta muntu ushobora kuza aho ndi keretse Data amuzanye, kandi abo bose Data yampaye bazaza.” Kandi ngaba hano baraje, kubera ikintu cyababwiye ngo baze. Noneho Utangiye umurimo, Mwami. Ndasenze kugira ngo Uwusoze kuri bo uyu mugoroba, Mwami, kubwo kubagira abahungu n'abakobwa b'Imana. Biduhe. Reka hekugira n'umwe muribo uzimira. Ndabakweretse ubu nk'itsinzi y'Ijambo Ryawe no Kugaragara Kwawe. Mu Izina rya Yesu Kristo. Amena.

112 Noneho, musubire hariya mu cyumba kugeza ubwo turibubagereho. Mujye aha hagana iburyo. Abashinzwe gahunda barabayobora iburyo inyuma. Kandi noneho… Noneho, ndibaza niba abakozi bubushake bari buze ubu, bagakurikira aba binjiye aha, abakozi b'ubushake baturutse muyandi matorero. Mwe babwiriza, abo bashaka gusubiramo aho hamwe natwe ubu, kugira ngo babashe kureba niba ibi bikozwe neza cyangwa nabi, muze tujyane. Muze mupfukamane n'abantu banyu, abo bakiriye Umwuka Wera. Buri wese muri bo, muze aka kanya... Mwe babwiriza, uwo ari wese muri mwe. Abametodiste, Ababatista, Abapresbyteriani, uwo waba uriwe wese, ngwino. Uratumiwe. Ngwino hamwe n'aba bantu.

113 Kandi mwe bakozi b'ubushake muturutse mu matorero atandukanye abo bazi uko basengera abantu, bakabarambikaho ibiganza, muze noneho. Aba… aba bashyizwe mu biganza byanyu. Ni intsinzi y'Ijambo. Ese ntushobora kuza aka kanya, abo bakozi b'ubushake banyu, noneho mugashaka inzira yanyu mbere y'uko duhindura amateraniro mu kanya gato? Ngwino nonaha. Mutambuke mwinjire. Ibyo ni byiza. Mugende hariya inyuma mucyumba, hari ibyumba byinshi hariya inyuma. Noneho, mugende hariya inyuma maze mukore buri kintu mushoboye kugira ngo mufashe aba bantu bakundwa.

Mukunda Yesu yabazanye. Yabafashe muri urwo rushundura rw'Ubutumwa bwiza. Noneho, mubasubizeyo hariya inyuma kandi reka dusenge hamwe nabo kugira ngo Imana yuzuze buri wese muri bo n'Umwuka Wera. Dukinge inzugi, mugume aho kugeza ubwo biribube. Yasezeranye ko Izabikora. kandi Yarabisezeranye, kandi Izabikora. ndetse Yarabisezeranye, kandi Izakomeza isezerano Ryayo. Irakiranuka ku isezerano Ryayo nkuko Yo Igaragara hano imbere yacu. Mwami, Ubahe umugisha.

114 Bakozi b'Imana, ese muri hano? Babwiriza, bakorerabushake bumva babyifitemo, kandi bakaba bari maso, kugira ngo abantu bakire Umwuka Wera. Ni umurimo wanyu ubu; mujyane nabo. Mugume iruhande rw'abantu banyu. Mwe bantu mwatojwe neza, abo bafite imyitozo y'Umwuka Wera, mwe bagore batojwe neza abo bazi icyo ibyo bisobanuye, mujyane n'abo bashiki bacu aho inyuma aho bari. Mwe abazi icyo gukora, mugumane nabo aho inyuma ubu. Aka kanya ni umwanya wanyu. Ubu niho umurimo wanyu uri. Aha niho mugaragariza isura yanyu, kugira ngo mugende. Imana ibahe umugisha. Uko ni ukuri. Mufate umwanya wanyu, noneho mwinjirane nabo hariya, kandi mugume hariya kandi mube muhamirijwe neza ibyo... ko ibyo byakozwe, kandi bikaba byakozwe neza. Mugume hariya kugeza ubwo mubona ubwiza bwa Kristo muri buri umwe wese muri bo. Imana irabubaha kubera ibyo. Amena kandi amena.

115 Oh, ibyo ndabikunda. Murebe ibirimo kuba hariya inyuma. Ese hari undi urimo hano utigeze winjiramo hariya, uwo ukwiriye kujyamo? Niba hari uhari, ese wahaguruka ugakurikira aba bakozi b'ubushake hariya mu imbere? Bikore, ese urabikora? Niba hari umwe uri hano... akaba yumva atari aho yakwiriye kuba....

Noneho, mwibuke, mwene Data, mushiki wacu, Njye… ntabwo nshobora gutuma ibi bibaho. Murabona? Imana niyo Imwe Ikora ibi bintu, ntabwo ari njye. Noneho, ndasenga kugira ngo Imana iduhe ibi bintu kuri mwe, kandi kugira ngo ibahe imyitozo y'umubatizo w'Umwuka Wera. Mwese bantu noneho mukunda Umwami Yesu, kandi mukaba mushaka kwinjira ngo musenge, musubireyo noneho maze musengane n'aba bantu, ese murajyayo? Murakoze. Murakoze cyane ni byiza.

116 Murazi, igihe nabonye abakozi bakorera ubushake bajyanye n'abantu, njye nagize… Ndashaka kuvuga ibi kuri mwe bantu hano. Ibyo bihamya icyo muri cyo. Murabona? Nagiye njya ahantu, habe no kubantu batekerezwa ko buzuye Umwuka, maze nkabona guhamagara abantu ku gicaniro. Kandi, rero, ntabwo ushobora kubona abantu bo kwinjira hamwe n'uwari wese ngo bajye gusengana nabo. Murabona, ibyo byerekana ko ari Ichabod. Umwuka w'Uwiteka waragiye. Murabona? Ariko igihe mubonye uri mwete, n'umurimo, no kwishimira... kwishimira ubugingo bw'umuntu...

Mwabonye hagati mu cyumweru nafashe umwanya wanjye, kandi nitegereza kurondora n'ibindi nk'ibyo, kugira ngo abantu babashe kubishyikira, kandi babashe kubona Umwuka Wera uri hafi yabo, noneho bakore guhamagara ku gicaniro. Mwe babwiriza musobanukirwe icyo narimo nkora (Murabona?) gukora iryo hamagara ku gicaniro ubu igihe bamaze gutsindwa. Amajana yabo arimo hariya noneho kugira ngo yakire Umwuka Wera. Benshi binjiyemo hariya hamwe nabo kugira ngo basengane.

117 Noneho, niba hari undi muntu hano wundi … ndavuga ibi, ko mwabonye Kugaragara kwa Kristo muri iki cyumweru Yihamiriza Ubwe hano. Mwaramubonye. Kandi noneho mwibuke, ko nta maraso azaba andiho kuri wa munsi, niba ari ejo. Bizaba ari umwe muri iyi minsi. Noneho mwibuke, tugiye kuzahagarara hariya. Uwo waba uriwe ese, uzahagarara hariya uko biri kose. “Kubera ko byashyizwe ku muntu ko agomba gupfa, maze hanyuma hakaza urubanza.” Kandi tugiye guhagarara hariya.

Noneho, niba udahamirijwe mu buryo butunganye ko ufite Kristo, Umwuka Wera, mu mutima wawe,

kandi ngo We yihamirize Ubwe aho imbere n'urukundo, n'amahoro, n'umunezero, n'imbuto z'Umwuka, n'Ubuzima bwa Kristo buba muri wowe… noneho mwibuke, amaraso yanyu ntabwo ari kubiganza byanjye. Habe na We ntabwo azabibazwa, kubera ko Yagaragaye imbere yanyu kandi Ariyerekana hano, neza neza hamwe n'Ibyanditswe. Ni bangahe bashobora guhamiriza ibyo kubwo kuzamura ikiganza cyabo maze bakavuga bati, "Narabibonye muri iki cyumweru?" Ibyo ni ukuri. Noneho nta kosa dufite, nta n'ubusobanuro.

Noneho, ese hari uhari…. Hari undi ubura ngo aze, bityo kugira ngo mvuge, ko igihe umwanya wanjye uri bugere wo kuva hano ejo, niba Umwami abishimye, nshobore kuvuga nti ndabohotse kuri aya maraso kubw'ubu bubyutse. Nakoze ibyo nshoboye byose, Mwami. Ndabikweguriye. Noneho, mwe gusa... buri wese muri mwe.

118 Noneho, ni bangahe bari hano barwaye kandi bakennye ubu, kandi bakaba bashaka gusengerwa ubwabo? Reka turebe muzamuye ibiganza byanyu. Niko biri, aha hose mu nyubako. Noneho, ngiye kubasaba kugira ngo mugire icyo munkorera ubu. Murambikaneho ibiganza umwe ku wundi. Aho hose murambikaneho ibiganza umwe ku wundi. Kandi noneho, mwitegereze, ndashaka ko musenga, musenge gusa.

Noneho, mwibuke. Abantu bose bagiye kuza hano mu murongo w'amasengesho ejo bagomba kuba bari hano ejo kare maze bakabaha amakarita yo gusengerwa. Muzayafate mu ntoki igihe bigeze isaha yo kujya mu murongo. Niba ufite umuvandimwe, mwe bene Data ba Bametodiste, Ababatista, Abapresbyteriani, uwo waba uriwe wese, niba ufite abarwayi abo wowe... Uzazane nabo. Uzazane nabo mu murongo. Muze kuza, mufate amakarita yo gusengerwa. Kubera ko noneho, muzane amakarita yo gusengerwa aho mu murongo. Abashinzwe gahunda bazayakira. Bazaba... muzayazane kandi musengerwe. Nizeye ko Imana igiye gukora ibintu bikomeye ejo. Ndabyiringiye ko ari uko Iri. Iyo niyo mpamvu mpamagara abantu kuza ku gicaniro, ngakora buri kintu nshoboye kugira ngo nshake ubuntu Bwayo.

119 Noneho, mu gihe twese twubitse imitwe yacu, kandi mwese murimo musenga, umwe ku wundi… Noneho, Bibiliya iravuga iti, "Ibi bimenyetso bizagendana n'abizera." Noneho, usengere umugabo cyangwa umugore warambitseho ikiganza, kubera ko barimo kugusengera nawe. Murabona, ntiwisengere ubwawe; ubasengere. Murambikaneho ibiganza umwe ku wundi maze musenge. Gusa murambikaneho ibiganza... Uko ni ukuri. Noneho, musenge uburyo mujya mubikora mu rusengero rwanyu. Muvuge muti, "Mwami Yesu, kiza uyu mushiki wacu mukundwa w'imbabare, uyu mwene Data mukundwa w'imbabare, icyo cyaba kiricyo cyose. Bararwaye, Mwami. Kandi njye... ndi umubwiriza. Kandi ngiye gukurikira Ijambo Ryawe, kandi Ijambo Ryawe riravuga riti, 'Ibi bimenyetso bizagendana n'abazizera. Nibarambika ibiganza ku barwayi, bazakira.' Kandi ndambitse ibiganza byanjye ku barwayi, uyu muntu urwaye, uyu mwene Data urwaye, uyu mushiki wacu urwaye. Njye... ndasenze, Mana, kugira ngo Uhamirize Ijambo Ryawe, n'ibimenyetso bizakurikiraho, kandi bazakira."

120 Mwami Yesu, ndabasengeye, kandi kubw'utu dutambaro, kugira ngo mu Izina rya Yesu Kristo Umwana w'Imana, kugira ngo Ukize uburwayi buri muntu uri mu Kugaragara kwa Kimana.

Satani, watakaje urugamba. Babonye Kugaragara kwa Kristo. Bumvise Ijambo Rye, baribona Rigaragazwa. Abanyabyaha barimo hariya bashaka agakiza. Watakaje urugamba. Sohoka muri aba bantu, mu Izina rya Yesu Kristo. Bavemo, kugira ngo utongera kubabuza amahoro ukundi, kandi reka Imana yo mu ijuru ibahagurutse mu buzima indi nshuro n'ubuzima n'imbaraga. Reka abo bafite amakarita yo gusengerwa abo nta nubwo bakeneye kuza mu murongo w'amasengesho ejo. Reka Umwuka Wera agwire muri iri tsinda ry'abantu no gukira indwara kuri buri wese wo muri bo kubw'icyubahiro cy'Imana. Noneho, mukomeze imbere, mwene Data. Amen.

Ibibwiriza bya
William Marrion Branham
"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7

www.messagehub.info